**Umwaka wa 64**
**Igazeti ya Leta n° Idasanzwe yo ku wa 03/09/2025**

**Year 64**
**Official Gazette n° Special of 03/09/2025**

**64ème Année**
**Journal Officiel n° Spécial du 03/09/2025**

# *Ibirimo/Summary/Sommaire* *page/urup*

## *Itegeko/ Law/ Loi*

**Itegeko n° 023/2025 ryo ku wa 01/09/2025** rigenga umwuga w'ubuhanga mu guhanga inyubako, uw'ubuhanga mu bwubatsi n'uw'ubuhanga mu kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi……………………………………………………………..…..2

**Law n° 023/2025 of 01/09/2025** governing the professions of architecture, engineering and quantity surveying …………………………………………………………………………......2

**Loi n° 023/2025 du 01/09/2025** régissant les professions d'architecte, d'ingénieur et de métreur…………………………………………………………..………………………..2

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 023/2025 RYO KU WA 01/09/2025 RIGENGA UMWUGA W'UBUHANGA MU GUHANGA INYUBAKO, UW'UBUHANGA MU BWUBATSI N'UW'UBUHANGA MU KUBARA, KUGENA NO KUGENZURA INGANO Y'IBINTU N'IBICIRO MU BWUBATSI** | **LAW N° 023/2025 OF 01/09/2025 GOVERNING THE PROFESSIONS OF ARCHITECTURE, ENGINEERING AND QUANTITY SURVEYING** | **LOI N° 023/2025 DU 01/09/2025 RÉGISSANT LES PROFESSIONS D'ARCHITECTE, D'INGÉNIEUR ET DE MÉTREUR** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije** | **Article One: Purpose of this Law** | **Article premier : Objet de la présente loi** |
| **Ingingo ya 2: Isobanura** | **Article 2: Interpretation** | **Article 2 : Interprétation** |
| **UMUTWE WA II: ISHYIRWAHO RY'URUGAGA RW'ABAHANGA MU MWUGA WO KUBARA, KUGENA NO KUGENZURA INGANO Y'IBINTU N'IBICIRO MU BWUBATSI** | **CHAPTER II: ESTABLISHMENT OF AN INSTITUTE OF PROFESSIONAL QUANTITY SURVEYORS** | **CHAPITRE II : CRÉATION D'UN ORDRE DES MÉTREURS PROFESSIONNELS** |
| **Ingingo ya 3: Ishyirwaho ry'Urugaga rw'abahanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi** | **Article 3: Establishment of an Institute of Professional Quantity Surveyors** | **Article 3 : Création d'un Ordre des métreurs professionnels** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA III</u>: INTEGO, INSHINGANO, UBUBASHA, IMITERERE N'IMIKORERE BY'URUGAGA** | **<u>CHAPTER III</u>: MISSION, RESPONSIBILITIES, POWERS, STRUCTURE AND FUNCTIONING OF THE INSTITUTE** | **<u>CHAPITRE III</u> : MISSION, ATTRIBUTIONS, POUVOIRS, STRUCTURE ET FONCTIONNEMENT DE L'ORDRE** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Intego y'Urugaga** | **<u>Section One</u>: Mission of the Institute** | **<u>Section première</u> : Mission de l'Ordre** |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Intego y'Urugaga** | **<u>Article 4</u>: Mission of the Institute** | **<u>Article 4</u> : Mission de l'Ordre** |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Inshingano n'ububasha by'Urugaga** | **<u>Section 2</u>: Responsibilities and powers of the Institute** | **<u>Section 2</u> : Attributions et pouvoirs de l'Ordre** |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Inshingano z'Urugaga** | **<u>Article 5</u>: Responsibilities of the Institute** | **<u>Article 5</u> : Attributions de l'Ordre** |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Ububasha bw'Urugaga** | **<u>Article 6</u>: Powers of the Institute** | **<u>Article 6</u> : Pouvoirs de l'Ordre** |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Imiterere n'imikorere by'Urugaga** | **<u>Section 3</u>: Structure and functioning of the Institute** | **<u>Section 3</u> : Structure et fonctionnement de l'Ordre** |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Inzego z'Urugaga** | **<u>Article 7</u>: Organs of the Institute** | **<u>Article 7</u> : Organes de l'Ordre** |
| **<u>Akiciro ka mbere</u>: Inteko Rusange** | **<u>Subsection One</u>: General Assembly** | **<u>Sous-section première</u> : Assemblée générale** |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Inteko Rusange n'abayigize** | **<u>Article 8</u>: General Assembly and its composition** | **<u>Article 8</u> : Assemblée générale et sa composition** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Ububasha bw'Inteko Rusange** | **<u>Article 9</u>: Powers of the General Assembly** | **<u>Article 9</u> : Pouvoirs de l'Assemblée générale** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Inshingano z'Inteko Rusange** | **<u>Article 10</u>: Responsibilities of the General Assembly** | **<u>Article 10</u> : Attributions de l'Assemblée générale** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 11: Itumizwa, iterana n'ifatwa ry'ibyemezo by'inama y'Inteko Rusange** | **Article 11: Convening, holding and decision-making of the General Assembly meeting** | **Article 11 : Convocation, tenue et prise des décisions de la réunion de l'Assemblée générale** |
| **Akiciro ka 2: Inama y'Ubuyobozi** | **Subsection 2: Governing Council** | **Sous-section 2 : Conseil d'administration** |
| **Ingingo ya 12: Abagize lnama y'Ubuyobozi na manda yabo** | **Article 12: Members of the Governing Council and their term of office** | **Article 12 : Membres du Conseil d'administration et leur mandat** |
| **Ingingo ya 13: Isimburwa ry'ugize Inama y'Ubuyobozi** | **Article 13: Replacement of a member of the Governing Council** | **Article 13 : Remplacement d'un membre du Conseil d'administration** |
| **Ingingo ya 14: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 14: Responsibilities of the Governing Council** | **Article 14 : Attributions du Conseil d'administration** |
| **Ingingo ya 15: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 15: Responsibilities of the Chairperson of the Governing Council** | **Article 15 : Attributions du Président du Conseil d'administration** |
| **Ingingo ya 16: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 16: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Governing Council** | **Article 16 : Attributions du Vice-président du Conseil d'administration** |
| **Ingingo ya 17: Inshingano z'abandi bagize Inama y'Ubuyobozi** | **Article 17: Responsibilities of other members of the Governing Council** | **Article 17 : Attributions des autres membres du Conseil d'administration** |
| **Ingingo ya 18: Itumizwa, iterana n'ifatwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 18: Convening, holding and decision-making of the Governing Council meeting** | **Article 18 : Convocation, tenue et prise de décisions de la réunion du Conseil d'administration** |
| **Ingingo ya 19: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 19: Invitation of a resource person to the Governing Council meeting** | **Article 19 : Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'administration** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Inyungu bwite mu kibazo gisuzumwa** | **<u>Article 20</u>: Personal interest in a matter under consideration** | **<u>Article 20</u> : Intérêt personnel dans une question à l'examen** |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Uburyozwe bw'abagize Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 21</u>: Liability of members of the Governing Council** | **<u>Article 21</u> : Responsabilité des membres du Conseil d'administration** |
| **<u>Akiciro ka 3</u>: Inama y'Ubugenzuzi** | **<u>Subsection 3</u>: Audit Committee** | **<u>Sous-section 3</u> : Comité d'audit** |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Abagize Inama y'Ubugenzuzi na manda yabo** | **<u>Article 22</u>: Members of the Audit Committee and their term of office** | **<u>Article 22</u> : Membres du Comité d'audit et leur mandat** |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Inshingano z'Inama y'Ubugenzuzi** | **<u>Article 23</u>: Responsibilities of the Audit Committee** | **<u>Article 23</u> : Attributions du Comité d'audit** |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Iterana ry'Inama y'Ubugenzuzi** | **<u>Article 24</u>: Meeting of the Audit Committee** | **<u>Article 24</u> : Réunion du Comité d'audit** |
| **<u>Akiciro ka 4</u>: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa** | **<u>Subsection 4</u>: Executive Secretariat** | **<u>Sous-section 4</u> : Secrétariat exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa** | **<u>Article 25</u>: Members of the Executive Secretariat** | **<u>Article 25</u> : Membres du Secrétariat exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Ishyirwaho ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'iry'abandi bakozi b'Urugaga** | **<u>Article 26</u>: Appointment of the Executive Secretary and other Staff members of the Institute** | **<u>Article 26</u> : Nomination du Secrétaire exécutif et des autres membres du personnel de l'Ordre** |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa** | **<u>Article 27</u>: Responsibilities of the Executive Secretary** | **<u>Article 27</u> : Attributions du Secrétaire exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 28:</u> Inshingano z'abandi bakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa** | **<u>Article 28</u>: Responsibilities of other staff members of the Executive Secretariat** | **<u>Article 28</u> : Attributions d'autres membres du personnel du Secrétariat exécutif** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 29: Imishahara n'ibindi bigenerwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa** | **Article 29: Salaries and fringe benefits for the Executive Secretary and other staff members of the Executive Secretariat** | **Article 29 : Salaires et autres avantages accordés au Secrétaire exécutif et aux autres membres du personnel du Secrétariat exécutif** |
| **UMUTWE WA IV: IKORWA RY'UMWUGA W'UBUHANGA MU GUHANGA INYUBAKO, UW'UBUHANGA MU BWUBATSI N'UW'UBUHANGA MU KUBARA, KUGENA NO KUGENZURA INGANO Y'IBINTU N'IBICIRO MU BWUBATSI** | **CHAPTER IV: PRACTICE OF THE PROFESSIONS OF ARCHITECTURE, ENGINEERING AND QUANTITY SURVEYING** | **CHAPITRE IV : EXERCICE DES PROFESSIONS D'ARCHITECTE, D'INGÉNIEUR ET DE MÉTREUR** |
| **Icyiciro cya mbere: Imirimo n'ibyiciro by'ubuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako, iby'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi n'iby'ubuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi** | **Section One: Professional architectural, engineering and quantity surveying services and categories of the professions of architecture, engineering and quantity surveying** | **Section première : Services professionnels d'architecture, d'ingénierie et de métré et catégories des professions d'architecte, d'ingénieur et de métreur** |
| **Akiciro ka mbere: Imirimo n'ibyiciro by'ubuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako** | **Subsection One: Professional architectural services and categories of the profession of architecture** | **Sous-section première : Services professionnels d'architecture et catégories de la profession d'architecte** |
| **Ingingo ya 30: Imirimo y'ubuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako** | **Article 30: Professional architectural services** | **Article 30 : Services professionnels d'architecture** |
| **Ingingo ya 31: Ukora imirimo y'ubuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako** | **Article 31: Provider of professional architectural services** | **Article 31 : Prestataire de services professionnels d'architecture** |

| | | |
|---|---|---|
| **Akiciro ka 2: Imirimo n'ibyiciro by'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi** | **Subsection 2: Professional engineering services and categories of the profession of engineering** | **Sous-section 2 : Services professionnels d'ingénierie et catégories de la profession d'ingénierie** |
| **Ingingo ya 32: Imirimo y'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi** | **Article 32: Professional engineering services** | **Article 32 : Services professionnels d'ingénierie** |
| **Ingingo ya 33: Ukora imirimo y'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi** | **Article 33: Provider of professional engineering services** | **Article 33 : Prestataire de services professionnels d'ingénierie** |
| **Ingingo ya 34: Ibyiciro by'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi** | **Article 34: Categories of the profession of engineering** | **Article 34 : Catégories de la profession d'ingénieur** |
| **Akiciro ka 3: Imirimo n'ibyiciro by'ubuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi** | **Subsection 3: Professional quantity surveying services and categories of the profession of quantity surveying** | **Sous-section 3 : Services professionnels de métré et catégories de la profession de métré** |
| **Ingingo ya 35: Imirimo y'ubuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi** | **Article 35: Professional quantity surveying services** | **Article 35 : Services professionnels de métré** |
| **Ingingo ya 36: Ukora imirimo y'ubuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi** | **Article 36: Provider of professional quantity surveying services** | **Article 36 : Prestataire de services professionnels de métré** |
| **Icyiciro cya 2: Kwiyandikisha mu Rugaga, kwimenyereza no kwemererwa gukora umwuga w'ubuhanga** | **Section 2: Registration with the Institute, professional internship and licence to practice the profession** | **Section 2 : Inscription auprès de l'Ordre, stage professionnel et licence d'exercice de la profession** |

| | | |
|---|---|---|
| **Akiciro ka mbere: Kwiyandikisha mu Rugaga** | **Subsection One: Registration with the Institute** | **Sous-section première : Inscription auprès de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 37: Kwiyandikisha mu Rugaga** | **Article 37: Registration with the Institute** | **Article 37 : Inscription auprès de l'Ordre** |
| **Akiciro ka 2: Kwimenyereza gukora umwuga w'ubuhanga** | **Subsection 2: Professional internship** | **Sous-section 2 : Stage professionnel** |
| **Ingingo ya 38: Kwimenyereza gukora umwuga w'ubuhanga** | **Article 38: Professional internship** | **Article 38 : Stage professionnel** |
| **Ingingo ya 39: Igihe cyo kwimenyereza gukora umwuga w'ubuhanga** | **Article 39: Duration of professional internship** | **Article 39 : Durée du stage professionnel** |
| **Akiciro ka 3: Kwemererwa gukora umwuga w'ubuhanga** | **Subsection 3: Being licensed to practice the profession** | **Sous-section 3 : Obtention d'une licence d'exercice de la profession** |
| **Ingingo ya 40: Uruhushya rwo gukora umwuga w'ubuhanga** | **Article 40: Licence to practice the profession** | **Article 40 : Licence d'exercice de la profession** |
| **Ingingo ya 41: Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gukora umwuga w'ubuhanga** | **Article 41: Requirements for a person to be licensed to practice the profession** | **Article 41 : Conditions requises pour l'obtention d'une licence d'exercice de la profession** |
| **Icyiciro cya 3: Kuba umunyamuryango w'Urugaga no gutakaza ubunyamuryango** | **Section 3: Acquisition and loss of membership in the Institute** | **Section 3 : Acquisition et perte de la qualité de membre de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 42: Kuba umunyamuryango w'Urugaga** | **Article 42: Acquisition of membership in the Institute** | **Article 42 : Acquisition de la qualité de membre de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 43: Inshingano z'umunyamuryango w'Urugaga** | **Article 43: Responsibilities of a member of the Institute** | **Article 43 : Attributions d'un membre de l'Ordre** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 44: Gutakaza kuba umunyamuryango w'Urugaga** | **Article 44: Loss of membership in the Institute** | **Article 44 : Perte de la qualité de membre de l'Ordre** |
| **UMUTWE WA V: UMUTUNGO W'URUGAGA** | **CHAPTER V: PROPERTY OF THE INSTITUTE** | **CHAPITRE V : PATRIMOINE DE L'ORDRE** |
| **Ingingo ya 45: Umutungo w'Urugaga n'inkomoko yawo** | **Article 45: Property of the Institute and its sources** | **Article 45 : Patrimoine de l'Ordre et ses sources** |
| **Ingingo ya 46: Ikoreshwa n'igenzurwa by'umutungo w'Urugaga** | **Article 46: Use and audit of the property of the Institute** | **Article 46 : Utilisation et audit du patrimoine de l'Ordre** |
| **UMUTWE WA VI: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UMWUGA, IBYAHA N'IBIHANO** | **CHAPTER VI: DISCIPLINARY FAULTS AND SANCTIONS, OFFENCES AND PENALTIES** | **CHAPITRE VI : FAUTES ET SANCTIONS DISCIPLINAIRES, INFRACTIONS ET PEINES** |
| **Icyiciro cya mbere: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'umwuga** | **Section One: Disciplinary faults and sanctions** | **Section première : Fautes et sanctions disciplinaires** |
| **Ingingo ya 47: Amakosa yo mu rwego rw'umwuga** | **Article 47: Disciplinary faults** | **Article 47 : Fautes disciplinaires** |
| **Icyiciro cya 2: Ibyaha n'ibihano** | **Section 2: Offences and penalties** | **Section 2 : Infractions et peines** |
| **Ingingo ya 48: Gutiza uruhushya cyangwa gukoresha uruhushya rw'urutirano** | **Article 48: Licence lending or use of borrowed licence** | **Article 48 : Prêt de licence ou utilisation d'une licence empruntée** |
| **Ingingo ya 49: Kubangamira igenzura cyangwa gutanga amakuru atari ukuri cyangwa ayobya** | **Article 49: Obstruction of audit or provision of false or misleading information** | **Article 49 : Entrave à un audit ou fourniture d'informations fausses ou trompeuses** |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER VII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VII : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 50: Imikoranire ya Leta n'Urugaga** | **Article 50: Collaboration between the Government and the Institute** | **Article 50 : Collaboration entre l'État et l'Ordre** |
| **Ingingo ya 51: Kwiyandikisha kw'abakozi ba Leta n'ab'izindi nzego bakora umwuga w'ubuhanga batanditse mu Rugaga** | **Article 51: Registration of public servants and staff from other entities who practice the profession without being registered with the Institute** | **Article 51 : Inscription des agents de l'État et ceux d'autres entités exerçant la profession sans être inscrits auprès de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 52: Ingingo y'ururimi** | **Article 52: Language provision** | **Article 52 : Disposition linguistique** |
| **Ingingo ya 53: Ingingo izigama ikanavanaho** | **Article 53: Saving and repealing provision** | **Article 53 : Disposition de sauvegarde et abrogatoire** |
| **Ingingo ya 54: Gutangira gukurikizwa** | **Article 54: Entry into force** | **Article 54 : Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 023/2025 RYO KU WA 01/09/2025 RIGENGA UMWUGA W'UBUHANGA MU GUHANGA INYUBAKO, UW'UBUHANGA MU BWUBATSI N'UW'UBUHANGA MU KUBARA, KUGENA NO KUGENZURA INGANO Y'IBINTU N'IBICIRO MU BWUBATSI** | **LAW N° 023/2025 OF 01/09/2025 GOVERNING THE PROFESSIONS OF ARCHITECTURE, ENGINEERING AND QUANTITY SURVEYING** | **LOI N° 023/2025 DU 01/09/2025 RÉGISSANT LES PROFESSIONS D'ARCHITECTE, D'INGÉNIEUR ET DE MÉTREUR** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République ; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT :** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 24 Nyakanga 2025; | The Chamber of Deputies, in its sitting of 24 July 2025; | La Chambre des Députés, en sa séance du 24 juillet 2025 ; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64; | Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64 ; |
| Isubiye ku Itegeko n° 26/2012 ryo ku wa | Having reviewed Law n° 26/2012 of | Revu la Loi n° 26/2012 du 29/06/2012 |

| | | |
|---|---|---|
| 29/06/2012 rigenga imirimo y'abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga mu by'ubwubatsi rikanashyiraho ingaga z'abakora iyo myuga mu Rwanda; | 29/06/2012 governing the professions of architecture and engineering and establishing the Institute of Architects and the Institute of Engineers in Rwanda; | régissant les professions d'architecte et d'ingénieur et portant création de l'Ordre des architectes et de l'Ordre des ingénieurs au Rwanda ; |
| **YEMEJE:** | **ADOPTS:** | **ADOPTE :** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u> : DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri tegeko rigamije** | **<u>Article One</u>: Purpose of this Law** | **<u>Article premier</u> : Objet de la présente loi** |
| Iri tegeko rigenga umwuga w'ubuhanga mu guhanga inyubako, uw'ubuhanga mu bwubatsi n'uw'ubuhanga mu kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi. Rishyiraho kandi Urugaga rw'abahanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi. | This Law governs the professions of architecture, engineering and quantity surveying. It also establishes the Institute of Professional Quantity Surveyors. | La présente loi régit les professions d'architecte, d'ingénieur et de métreur. Elle porte également création de l'Ordre des métreurs professionnels. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Isobanura** | **<u>Article 2</u>: Interpretation** | **<u>Article 2</u> : Interprétation** |
| Muri iri tegeko: | In this Law: | Dans la présente loi : |
| (a) **«ibikorwa remezo»** harimo inyubako, imihanda, ibiraro n'amateme, ibyambu, ingomero z'amazi, iminara, amashanyarazi, ibikorwa by'amazi n'ibikorwa | (a) **"infrastructure"** includes buildings, roads, bridges, ports, dams, towers, electric power systems, hydraulic works and digital infrastructure; | (a) « **infrastructure** » comprend des bâtiments, des chaussées, des ponts, des ports, des barrages, des tours, des systèmes d'alimentation en électricité, des ouvrages hydrauliques et des |

| | | |
|---|---|---|
| remezo by'ikoranabuhanga; | | infrastructures numériques ; |
| (b) **«ikigo cy'ubuhanga»** bivuga ikigo cyanditswe mu Rugaga rw'abahanga mu mwuga rubifitiye ububasha kandi cyahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'impuguke mu guhanga inyubako, mu bwubatsi, mu kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi; | (b) **"consulting firm"** means an entity registered with the competent professional Institute and licensed to provide consultancy services in the fields of architecture, engineering and quantity surveying; | (b) **« cabinet de conseil »** signifie une entité inscrite auprès de l'Ordre professionnel compétent et titulaire d'une licence de fourniture de services de conseil dans les domaines de l'architecture, de l'ingénierie et du métré ; |
| (c) **«Minisiteri»** bivuga Minisiteri ifite Urugaga mu nshingano; | (c) **"Ministry"** means the Ministry in charge of the Institute; | (c) **« Ministère »** signifie le Ministère ayant l'Ordre dans ses attributions ; |
| (d) **«Minisitiri »** bivuga Minisitiri ufite Urugaga mu nshingano; | (d) **"Minister"** means the Minister in charge of the Institute; | (d) **« Ministre** » signifie le Ministre ayant l'Ordre dans ses attributions ; |
| (e) **«umuhanga mu mwuga w'ubwubatsi»** bivuga umuntu ufite nibura impamyabumenyi ya *Bachelor's Degree* mu bwubatsi cyangwa andi mashami bifitanye isano yahawe n'ishuri rikuru ryemewe n'amategeko, wanditswe kandi wabiherewe uruhushya n'Urugaga rw'abahanga mu mwuga w'ubwubatsi; | (e) **"professional engineer"** means a person who holds at least a bachelor's degree in engineering or other related fields, from a legally recognised institution of higher learning, and who is registered and licensed to that end by the Institute of Professional Engineers; | (e) **« ingénieur professionnel »** signifie une personne titulaire d'au moins un diplôme de *Bachelor* en ingénierie ou dans d'autres domaines connexes, délivré par un établissement d'enseignement supérieur légalement reconnu et qui est inscrite et a obtenu à cet effet une licence auprès de l'Ordre des ingénieurs professionnels ; |
| (f) **«umuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako»** bivuga umuntu ufite nibura impamyabumenyi ya *Bachelor's Degree* mu guhanga | (f) **"professional architect"** means a person who holds at least a bachelor's degree in architecture or other related fields, from a legally recognised | (f) **« architecte professionnel »** signifie une personne titulaire d'au moins un diplôme de *Bachelor* en architecture ou dans d'autres domaines connexes, |

| | | |
|---|---|---|
| inyubako cyangwa andi mashami bifitanye isano yahawe n'ishuri rikuru ryemewe n'amategeko, wanditswe kandi wabiherewe uruhushya n'Urugaga rw'abahanga mu mwuga wo guhanga inyubako; | institution of higher learning, and who is registered and licensed to that end by the Institute of Professional Architects; | délivré par un établissement d'enseignement supérieur légalement reconnu et qui est inscrite et a obtenu à cet effet une licence auprès de l'Ordre des architectes professionnels; |
| (g) **«umuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi »** bivuga umuntu ufite nibura impamyabumenyi ya *Bachelor's Degree* mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi cyangwa andi mashami bifitanye isano yahawe n'ishuri rikuru ryemewe n'amategeko, wanditswe kandi wabiherewe uruhushya n'Urugaga rw'abahanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi; | (g) **"professional quantity surveyor"** means a person who holds at least a bachelor's degree in quantity surveying or other related fields, from a legally recognised institution of higher learning, and who is registered and licensed to that end by the Institute of Professional Quantity Surveyors; | (g) **« métreur professionnel »** signifie une personne titulaire d'au moins un diplôme de *Bachelor* en métré ou dans d'autres domaines connexes, délivré par un établissement d'enseignement supérieur légalement reconnu, et qui est inscrite et a obtenu à cet effet une licence auprès de l'Ordre des métreurs professionnels ; |
| (h) **«umuntu»** bivuga umuntu ku giti cye, ikigo cy'ubuhanga cyangwa urundi rwego rukoresha abahanga mu mwuga wo guhanga inyubako, mu mwuga w'ubwubatsi cyangwa mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi; | (h) **"person"** means an individual, consulting firm or any other entity that employs professional architects, professional engineers or professional quantity surveyors; | (h) **« personne »** signifie une personne physique, un cabinet de conseil ou toute autre entité qui emploie des architectes professionnels, des ingénieurs professionnels ou des métreurs professionnels ; |

| | | |
|---|---|---|
| (i) **«umwubatsi»** bivuga umuntu ufite nibura impamyabumenyi ya *Diploma*, *Advanced Professional Certificate of Secondary Education* cyangwa *Technical Vocational Education and Training Certificate* mu bwubatsi cyangwa andi mashami bifitanye isano yahawe n'ishuri ryemewe n'amategeko, wanditswe kandi wabiherewe uruhushya n'Urugaga rw'abahanga mu mwuga w'ubwubatsi; | (i) **"engineering technician"** means a person who holds at least a diploma, an advanced professional certificate of secondary education or a technical vocational education and training certificate in engineering or other related fields, from a legally recognised educational institution, and who is registered and licensed to that end by the Institute of Professional Engineers; | (i) **« technicien en ingénierie »** signifie une personne titulaire d'au moins un *diploma, un advanced professional certificate of secondary education* ou un certificat de formation technique et professionnelle en ingénierie ou dans d'autres domaines connexes, délivré par un établissement d'enseignement légalement reconnu, et qui est inscrite et a obtenu à cet effet une licence auprès de l'Ordre des ingénieurs professionnels ; |
| (j) **«Urugaga»** bivuga Urugaga rw'abahanga mu mwuga wo guhanga inyubako, Urugaga rw'abahanga mu mwuga w'ubwubatsi cyangwa Urugaga rw'abahanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi; | (j) **"Institute"** means the Institute of Professional Architects, the Institute of Professional Engineers or the Institute of Professional Quantity Surveyors; | (j) **« Ordre »** signifie l'Ordre des architectes professionnels, l'Ordre des ingénieurs professionnels ou l'Ordre des métreurs professionnels ; |
| (k) **«umwuga w'ubuhanga»** bivuga umwuga w'ubuhanga mu guhanga inyubako, uw'ubuhanga mu bwubatsi cyangwa uw'ubuhanga mu kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi; | (k) **"profession"** means the professions of architecture, engineering or quantity surveying; | (k) **« profession »** signifie les professions d'architecte, d'ingénieur ou de métreur ; |
| (l) **«uwunganira umuhanga mu mwuga w'ubwubatsi »** bivuga umuntu ufite nibura impamyabumenyi ya *Advanced* | (l) **"engineering technologist"** means a person who holds at least an advanced diploma in engineering or other related fields, from a legally recognised | (l) **« technologue en ingénierie »** signifie une personne titulaire d'au moins un *Advanced Diploma* en ingénierie ou dans d'autres domaines connexes, |

| | | |
|---|---|---|
| *Diploma* mu bwubatsi cyangwa andi mashami bifitanye isano yahawe n'ishuri ry'umwuga ryemewe n'amategeko wanditswe kandi wabiherewe uruhushya n'Urugaga rw'abahanga mu mwuga w'ubwubatsi; | vocational educational institution, and who is registered and licensed to that end by the Institute of Professional Engineers; | délivré par un établissement d'enseignement professionnel légalement reconnu, et qui est inscrite et a obtenu à cet effet une licence auprès de l'Ordre des ingénieurs professionnels ; |
| (m) **«uwunganira umuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako»** bivuga umuntu ufite nibura impamyabumenyi ya *Advanced Diploma* mu guhanga inyubako cyangwa andi mashami bifitanye isano yahawe n'ishuri rikuru ryemewe n'amategeko, wanditswe kandi wabiherewe uruhushya n'Urugaga rw'abahanga mu mwuga wo guhanga inyubako; | (m) **"architectural technologist"** means a person who holds at least an advanced diploma in architecture or other related fields, from a legally recognised institution of higher learning, and who is registered and licensed to that end by the Institute of Professional Architects; | (m) **« technologue en architecture »** signifie une personne titulaire d'au moins un *Advanced Diploma* en architecture ou dans d'autres domaines connexes, délivré par un établissement d'enseignement supérieur légalement reconnu, et qui est inscrite et a obtenu à cet effet une licence auprès de l'Ordre des architectes professionnels ; |
| (n) **«uwunganira umuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi»** bivuga umuntu ufite nibura impamyabumenyi ya *Advanced Diploma* mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi cyangwa andi mashami bifitanye isano yahawe n'ishuri rikuru ryemewe n'amategeko, wanditswe kandi | (n) **"quantity surveying technologist"** means a person who holds at least an advanced diploma in quantity surveying or other related fields, from a legally recognised institution of higher learning, and who is registered and licensed to that end by the Institute of Professional Quantity Surveyors. | (n) **« technologue en métré »** signifie une personne titulaire d'au moins un *Advanced Diploma* en métré ou dans d'autres domaines connexes, délivré par un établissement d'enseignement supérieur légalement reconnu, et qui est inscrite et a obtenu à cet effet une licence auprès de l'Ordre des métreurs professionnels. |

| | | |
|---|---|---|
| wabiherewe uruhushya n'Urugaga rw'abahanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi. | | |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: ISHYIRWAHO RY'URUGAGA RW'ABAHANGA MU MWUGA WO KUBARA, KUGENA NO KUGENZURA INGANO Y'IBINTU N'IBICIRO MU BWUBATSI** | **<u>CHAPTER II</u>: ESTABLISHMENT OF AN INSTITUTE OF PROFESSIONAL QUANTITY SURVEYORS** | **<u>CHAPITRE II</u> : CRÉATION D'UN ORDRE DES MÉTREURS PROFESSIONNELS** |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ishyirwaho ry'Urugaga rw'abahanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi** | **<u>Article 3</u>: Establishment of an Institute of Professional Quantity Surveyors** | **<u>Article 3</u> : Création d'un Ordre des métreurs professionnels** |
| (1) Hashyizweho Urugaga rw'abahanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi mu Rwanda. | (1) There is hereby established the Rwanda Institute of Professional Quantity Surveyors. | (1) Il est créé l'Ordre des métreurs professionnels du Rwanda. |
| (2) Urugaga rw'abahanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi rufite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu micungire y'umutungo n'abakozi byarwo. | (2) The Rwanda Institute of Professional Quantity Surveyors has legal personality and enjoys administrative and financial autonomy. | (2) L'Ordre des métreurs professionnels du Rwanda est doté de la personnalité juridique et jouit de l'autonomie administrative et financière. |
| **<u>UMUTWE WA III</u>: INTEGO, INSHINGANO, UBUBASHA, IMITERERE N'IMIKORERE BY'URUGAGA** | **<u>CHAPTER III</u>: MISSION, RESPONSIBILITIES, POWERS, STRUCTURE AND FUNCTIONING OF THE INSTITUTE** | **<u>CHAPITRE III</u> : MISSION, ATTRIBUTIONS, POUVOIRS, STRUCTURE ET FONCTIONNEMENT DE L'ORDRE** |

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya mbere: Intego y'Urugaga** | **Section One: Mission of the Institute** | **Section première : Mission de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 4: Intego y'Urugaga** | **Article 4: Mission of the Institute** | **Article 4 : Mission de l'Ordre** |
| Intego y'Urugaga ni ukubaka, gutunganya no guteza imbere umwuga w'abarugize. | The mission of the Institute is to develop, regulate and promote the profession of its members. | L'Ordre a pour mission de développer, de règlementer et de promouvoir la profession de ses membres. |
| **Icyiciro cya 2: Inshingano n'ububasha by'Urugaga** | **Section 2: Responsibilities and powers of the Institute** | **Section 2 : Attributions et pouvoirs de l'Ordre** |
| **Ingingo ya 5: Inshingano z'Urugaga** | **Article 5: Responsibilities of the Institute** | **Article 5 : Attributions de l'Ordre** |
| Urugaga rufite inshingano zikurikira: | The Institute has the following responsibilities: | L'Ordre a les attributions suivantes : |
| (a) kugira uruhare mu kugena no gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame remezo agenga umwuga w'ubuhanga; | (a) to participate in the development of, and monitoring of compliance with professional standards regulating the profession; | (a) participer à l'élaboration des normes de pratique professionnelle ainsi qu'au suivi du respect de celles-ci ; |
| (b) gushyigikira no guteza imbere umwuga w'ubuhanga; | (b) to support and promote the profession; | (b) appuyer et promouvoir la profession ; |
| (c) gukora ubuvugizi no kurengera inyungu z'abanyamuryango b'Urugaga; | (c) to advocate for and protect the interests of members of the Institute; | (c) faire le plaidoyer et défendre les intérêts des membres de l'Ordre ; |
| (d) kubaka ubushobozi bw'abanyamuryango no gutanga amahirwe yo kwiyungura ubumenyi ku banyamuryango b'Urugaga; | (d) to build the capacity of members and provide professional development opportunities for members of the Institute; | (d) renforcer les capacités des membres et offrir aux membres de l'Ordre des opportunités de développement professionnel ; |

| | | |
|---|---|---|
| (e) kugira uruhare mu gutegura, kwemeza no kugenzura integanyanyigisho z'uburezi mu bijyanye n'umwuga w'ubuhanga; | (e) to participate in the development, validation, and inspection of the delivery of the curricula related to the profession; | (e) participer à l'élaboration des programmes d'enseignement liés à la profession, à leur validation et à l'inspection de leur prestation ; |
| (f) kugira uruhare mu kugenzura ko imyubakire mu mijyi no mu cyaro yubahiriza amategeko y'imyubakire rubiherewe uburenganzira n'urwego rwa Leta rubifitiye ububasha; | (f) to participate in the inspection of construction activities in rural and urban settings to ensure the compliance with the building code, upon authorisation by the competent public authority; | (f) participer à l'inspection des activités de construction en milieu rural et urbain, afin d'assurer le respect du code de construction, sur autorisation de l'autorité publique compétente ; |
| (g) kugenzura ko amategeko n'amahame agenga umwuga w'ubuhanga byubahirizwa n'abanyamuryango; | (g) to oversee compliance by members with the codes and standards regulating the profession; | (g) contrôler le respect, par les membres, des codes et des normes régissant la profession ; |
| (h) kwandika no guhuriza hamwe abakora umwuga w'ubuhanga; | (h) to register and unite the practitioners of the profession; | (h) inscrire et rassembler les praticiens de la profession ; |
| (i) gutanga no kwambura uruhushya rwo gukora umwuga w'ubuhanga; | (i) to issue and withdraw a licence to practice the profession; | (i) délivrer et retirer une licence d'exercice de la profession ; |
| (j) gushyiraho uburyo bw'imikoranire n'abafatanyabikorwa mu rwego rwo guteza imbere umwuga w'ubuhanga. | (j) to establish collaborative frameworks with stakeholders to promote the profession. | (j) établir des cadres de collaboration avec les parties prenantes en vue de promouvoir la profession. |
| **Ingingo ya 6: Ububasha bw'Urugaga** | **Article 6: Powers of the Institute** | **Article 6 : Pouvoirs de l'Ordre** |
| Urugaga rufite ububasha bwo gushyiraho uburyo bw'imikorere n'imikoranire n'abafatanyabikorwa mu rwego rwo guteza imbere umwuga w'ubuhanga. | The Institute has the powers to establish operational procedures and collaboration mechanisms with stakeholders to promote the profession. | L'Ordre dispose des pouvoirs d'établir des modalités de fonctionnement et des mécanismes de collaboration avec les parties prenantes en vue de promouvoir la profession. |

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Imiterere n'imikorere by'Urugaga** | **<u>Section 3</u>: Structure and functioning of the Institute** | **<u>Section 3</u> : Structure et fonctionnement de l'Ordre** |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Inzego z'Urugaga** | **<u>Article 7</u>: Organs of the Institute** | **<u>Article 7</u> : Organes de l'Ordre** |
| (1) Inzego z'Urugaga ni izi zikurikira: | (1) The organs of the Institute are the following: | (1) Les organes de l'Ordre sont les suivants : |
| (a) Inteko Rusange; | (a) the General Assembly; | (a) Assemblée générale ; |
| (b) Inama y'Ubuyobozi; | (b) the Governing Council; | (b) Conseil d'administration ; |
| (c) Inama y'Ubugenzuzi; | (c) the Audit Committee; | (c) Comité d'audit ; |
| (d) Ubunyamabanga Nshingwabikorwa. | (d) the Executive Secretariat. | (d) Secrétariat exécutif. |
| (2) Inzego zivugwa mu gika cya (1) agaka ka (a), aka (b) n'aka (c) zifashwa mu mirimo yazo na Komisiyo tekiniki zihoraho n'izidahoraho. | (2) The organs referred to in Paragraph (1) (a), (b) and (c) are assisted in the performance of their functions by standing and ad hoc technical Committees. | (2) Les organes visés au paragraphe (1) (a), (b) et (c) sont assistés, dans l'accomplissement de leurs fonctions, par des Commissions techniques permanentes et ad hoc. |
| (3) Amategeko ngengamikorere y'Urugaga agena Komisiyo tekiniki zihoraho n'izidahoraho, inshingano, imiterere n'imikorere byazo. | (3) The Rules of Procedure of the Institute determine standing and ad hoc technical Committees, their responsibilities, structure and functioning. | (3) Le Règlement intérieur de l'Ordre détermine les Commissions techniques permanentes et ad hoc, leurs attributions, structure et fonctionnement. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Akiciro ka mbere</u>: Inteko Rusange** | **<u>Subsection One</u>: General Assembly** | **<u>Sous-section première</u> : Assemblée générale** |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Inteko Rusange n'abayigize** | **<u>Article 8</u>: General Assembly and its composition** | **<u>Article 8</u> : Assemblée générale et sa composition** |
| (1) Inteko Rusange ni rwo rwego rukuru rw'Urugaga. | (1) The General Assembly is the supreme organ of the Institute. | (1) L'Assemblée générale est l'organe suprême de l'Ordre. |
| (2) Inteko Rusange igizwe n'abanyamuryango b'Urugaga banditse ku Rutonde rw'abagize Urugaga bujuje ibisabwa. | (2) The General Assembly consists of the members of the Institute included on the Roll of Members of the Institute and who meet prescribed requirements. | (2) L'Assemblée générale se compose des membres de l'Ordre inscrits au Tableau des membres de l'Ordre et remplissant les conditions prescrites. |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Ububasha bw'Inteko Rusange** | **<u>Article 9</u>: Powers of the General Assembly** | **<u>Article 9</u> : Pouvoirs de l'Assemblée générale** |
| Inteko Rusange ifite ububasha busesuye bwo gusuzuma ibibazo, kwakira ibitekerezo no gufata ibyemezo bireba Urugaga. | The General Assembly has extensive powers to deliberate on issues, gather views and make decisions concerning the Institute. | L'Assemblée générale dispose des pouvoirs étendus pour délibérer sur des questions, recueillir des avis et prendre des décisions concernant l'Ordre. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Inshingano z'Inteko Rusange** | **<u>Article 10</u>: Responsibilities of the General Assembly** | **<u>Article 10</u> : Attributions de l'Assemblée générale** |
| (1) Inteko Rusange ifite inshingano zikurikira: | (1) The General Assembly has the following responsibilities: | (1) L'Assemblée générale a les attributions suivantes : |
| (a) kwemeza no guhindura amategeko ngengamikorere n'amategeko ngengamyitwarire by'Urugaga; | (a) to adopt and amend the Rules of Procedure and Code of Ethics of the Institute; | (a) adopter et modifier le Règlement intérieur et le Code de déontologie de l'Ordre ; |

| | | |
|---|---|---|
| (b) gutora no gukuraho abagize inzego z'Urugaga zivugwa mu ngingo ya (7) (1) (b) na (c); | (b) to elect and remove members of the organs of the Institute which are referred to in Article (7) (1) (b) and (c); | (b) élire et révoquer les membres des organes de l'Ordre visés à l'article (7) (1) (b) et (c) ; |
| (c) kwemeza igenamigambi ry'igihe kirekire, raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'ingengo y'imari by'umwaka urangiye; | (c) to adopt the strategic plan, the activity report and budget execution report for the preceding year; | (c) adopter le plan stratégique, le rapport d'activités et le rapport d'exécution budgétaire pour l'exercice écoulé ; |
| (d) kwemeza gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari by'umwaka ukurikira; | (d) to adopt the action plan and budget for the following year; | (d) adopter le plan d'action et le budget pour l'exercice suivant ; |
| (e) kwemeza ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi, abagize Inama y'Ubugenzuzi, abagize Komite zihoraho cyangwa izidahoraho bitabiriye inama. | (e) to approve sitting allowances for members of the Governing Council, those for members of Audit Committee and those for members of the standing or ad hoc Committees. | (e) approuver les jetons de présence des membres du Conseil d'administration, ceux des membres du Comité d'audit et ceux des membres des Commissions permanentes ou ad hoc. |
| (2) Amategeko ngengamikorere y'Urugaga ashobora kugena izindi nshingano z'Inteko Rusange. | (2) The Rules of Procedure of the Institute may determine other responsibilities of the General Assembly. | (2) Le Règlement intérieur de l'Ordre peut déterminer d'autres attributions de l'Assemblée générale. |
| **Ingingo ya 11: Itumizwa, iterana n'ifatwa ry'ibyemezo by'inama y'Inteko Rusange** | **Article 11: Convening, holding and decision-making of the General Assembly meeting** | **Article 11 : Convocation, tenue et prise des décisions de la réunion de l'Assemblée générale** |
| (1) Inama y'Inteko Rusange iterana rimwe mu mwaka n'igihe bibaye ngombwa. Itumizwa kandi | (1) The General Assembly meets once a year and whenever necessary. It is convened and chaired by the | (1) L'Assemblée générale se réunit une fois par an et chaque fois que de besoin. Elle est convoquée et présidée par le |

ikayoborwa na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari.

(2) Ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa ku bwumvikane busesuye, iyo butabonetse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi.

(3) Amategeko Ngengamikorere y'Urugaga agena uburyo inama y'Inteko Rusange itumizwa, iterana n'abayitabira.

**Akiciro ka 2: Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 12: Abagize lnama y'Ubuyobozi na manda yabo**

(1) Inama y'Ubuyobozi igizwe n'aba bakurikira:

(a) abantu barindwi batorwa n'Inteko Rusange barimo Perezida na Visi Perezida;

(b) umuntu umwe uhagarariye Minisitiri.

(2) Manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi bavugwa mu gika cya

Chairperson of the Governing Council or, in his or her absence, by the Vice Chairperson.

(2) The General Assembly makes its decisions by consensus and, if no consensus is reached, decisions are made by an absolute majority of votes.

(3) The Rules of Procedure of the Institute determine procedures for convening and holding the General Assembly meeting as well as its participants.

**Subsection 2: Governing Council**

**Article 12: Members of the Governing Council and their term of office**

(1) The Governing Council consists of the following members:

(a) seven members elected by the General Assembly, including a Chairperson and a Vice Chairperson;

(b) one member representing the Minister.

(2) The term of office of the members of the Governing Council referred to in

Président du Conseil d'administration ou, en son absence, par le Vice-président.

(2) L'Assemblée générale prend ses décisions par consensus et, à défaut de consensus, les décisions sont prises à la majorité absolue des voix.

(3) Le Règlement intérieur de l'Ordre détermine les modalités de convocation et de tenue de la réunion de l'Assemblée générale ses participants.

**Sous-section 2 : Conseil d'administration**

**Article 12 : Membres du Conseil d'administration et leur mandat**

(1) Le Conseil d'administration se compose des membres suivants :

(a) sept membres élus par l'Assemblée générale, dont un Président et un Vice-président ;

(b) un membre représentant le Ministre.

(2) Le mandat des membres du Conseil d'administration visés au paragraphe

| | | |
|---|---|---|
| (1)(a) ni imyaka itatu ishobora kongerwa inshuro imwe. | Paragraph 1(a) is three years, renewable once. | 1(a) est de trois ans, renouvelable une fois. |
| (3) Umuntu uvugwa mu gika cya (1)(b) ashyirwaho akanakurwaho na Minisitiri kandi akora nk'umujyanama ariko ntatora. | (3) The member referred to in Paragraph (1)(b) is appointed and removed by the Minister, and serves in an advisory capacity, but without voting rights. | (3) Le membre visé au paragraphe (1)(b) est nommé et révoqué par le Ministre et assume un rôle consultatif, mais sans voix délibérative. |
| (4) Amategeko ngengamikorere y'Urugaga agena uburyo amatora avugwa mu gika cya (1)(a) akorwa. | (4) The Rules of Procedure of the Institute determine the procedures for the conduct of the elections referred to in Paragraph (1)(a). | (4) Le Règlement intérieur de l'Ordre détermine les modalités de tenue des élections visées au paragraphe (1)(a). |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Isimburwa ry'ugize Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 13</u>: Replacement of a member of the Governing Council** | **<u>Article 13</u> : Remplacement d'un membre du Conseil d'administration** |
| (1) Iyo ugize Inama y'Ubuyobozi avanyweho, asezeye, apfuye cyangwa agize indi mpamvu ituma atuzuza inshingano ze, hakoreshwa amatora yo kumusimbura mu minsi 30 ibarwa uhereye ku munsi aviriye mu Nama y'Ubuyobozi. | (1) When a member of the Governing Council is removed, resigns, dies, or is otherwise unable to perform his or her duties, an election to replace him or her is held within 30 days of the date of his or her ceasing to be a member of the Governing Council. | (1) En cas de révocation, de démission, de décès ou de toute autre cause empêchant un membre du Conseil d'administration d'exercer ses fonctions, une élection pour son remplacement se tient dans les 30 jours à compter de la date de cessation de sa qualité de membre du Conseil d'administration. |
| (2) Utowe arangiza manda y'uwo asimbuye ariko akaba ashobora kongera gutorwa. | (2) The elected successor serves for the remainder of the predecessor's term of office, and may be re-elected. | (2) Le successeur élu exerce son mandat pour la durée restant à courir du mandat de son prédécesseur et peut être réélu. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 14</u>: Responsibilities of the Governing Council** | **<u>Article 14</u> : Attributions du Conseil d'administration** |
| Inama y'Ubuyobozi ifite inshingano zikurikira: | The Governing Council has the following responsibilities: | Le Conseil d'administration a les attributions suivantes : |
| (a) gusuzuma umushinga w'amategeko ngengamikorere n'uw'amategeko ngengamyitwarire by'Urugaga no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo; | (a) to review the draft Rules of Procedure and draft Code of Ethics of the Institute and monitor their implementation; | (a) examiner le projet de Règlement intérieur et le projet de Code de déontologie de l'Ordre et faire le suivi de leur mise en œuvre ; |
| (b) gusuzuma no gufata icyemezo ku usaba kwemererwa gukora umwuga w'ubuhanga cyangwa ku usaba uruhushya rwo gukora umwuga w'ubuhanga; | (b) to consider and decide upon applications for licence to practice the profession; | (b) examiner et prendre une décision sur les demandes de licence d'exercice de la profession ; |
| (c) kwemeza Urutonde rw'abanyamuryango b'Urugaga; | (c) to adopt the Roll of Members of the Institute; | (c) adopter le Tableau des membres de l'Ordre ; |
| (d) gutegura igihembo mbonera cy'amafaranga ahabwa umuhanga mu mwuga, cyemezwa n'Iteka rya Minisitiri; | (d) to prepare the scale of fees for a professional practicing the profession, to be approved by an Order of the Minister; | (d) préparer le barème des rémunérations des professionnels exerçant la profession devant être approuvé par arrêté du Ministre ; |
| (e) gusuzuma umushinga w'ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi, abagize Inama y'Ubugenzuzi, abagize Komite zihoraho cyangwa izidahoraho bitabiriye inama ; | (e) to review a proposal for sitting allowances for members of the Governing Council, the Audit Committee and standing and ad hoc Committees; | (e) examiner une proposition de jetons de présence pour les membres du Conseil d'administration, du Comité d'audit ainsi que des Commissions permanentes ou ad hoc ; |

| | | |
|---|---|---|
| (f) gukurikirana abanyamuryango b'Urugaga bakekwaho amakosa yo mu rwego rw'umwuga no gutanga ibihano ku munyamuryango w'Urugaga utubahiriza amategeko ngengamikorere; | (f) to initiate disciplinary proceedings against members of the Institute suspected of disciplinary faults, and impose sanctions on any member of the Institute found in breach of Rules of Procedure; | (f) engager des procédures disciplinaires à l'encontre des membres de l'Ordre soupçonnés de fautes disciplinaires, et infliger des sanctions à tout membre contrevenant au Règlement intérieur ; |
| (g) gusuzuma igenamigambi ry'igihe kirekire, raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'ingengo y'imari by'umwaka urangiye; | (g) to review the strategic plan as well as the activity report and budget execution report for the preceding year; | (g) examiner le plan stratégique ainsi que le rapport d'activités et le rapport d'exécution budgétaire pour l'exercice écoulé ; |
| (h) gusuzuma umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari by'umwaka ukurikira; | (h) to review the draft action plan and draft budget proposal for the following year; | (h) examiner le projet de plan d'action et l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant ; |
| (i) gushaka no gushyira mu mwanya Umunyamabanga Nshingwabikorwa no gukurikirana imikorere ye; | (i) to recruit and appoint the Executive Secretary of the Institute and monitor his or her performance; | (i) recruter et nommer le Secrétaire exécutif de l'Ordre et faire le suivi de ses performances ; |
| (j) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inteko Rusange; | (j) to monitor the implementation of the decisions of the General Assembly; | (j) faire le suivi de la mise en œuvre des décisions de l'Assemblée générale ; |
| (k) kwakira, gusesengura ibitekerezo, ibibazo n'ibyifuzo by'abanyamuryango b'Urugaga no kubifataho icyemezo; | (k) to receive, assess, and decide on the views, concerns and suggestions expressed by members of the Institute; | (k) recevoir, examiner et statuer sur les opinions, préoccupations et propositions formulées par les membres de l'Ordre ; |
| (l) kwemeza gahunda y'amahugurwa ajyanye n'umwuga w'ubuhanga no guhugura ku buryo buhoraho | (l) to adopt the professional development programme and deliver continuous training for members of the Institute; | (l) adopter le programme de perfectionnement professionnel et offrir une formation continue aux |

| | | |
|---|---|---|
| abanyamuryango b'Urugaga; | | membres de l'Ordre ; |
| (m) kwemeza gahunda yo kumenyereza umwuga w'ubuhanga ku buryo buhoraho abakirangiza kwiga bitegura kuba abahanga mu mwuga; | (m) to adopt the ongoing professional mentorship programme designed to set young graduates on a career path as professionals; | (m) adopter le programme de mentorat continu en milieu professionnel visant à orienter les jeunes diplômés dans un parcours professionnel en tant que professionnels ; |
| (n) gusuzuma ko ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo ryubahirizwa mu bikorwa byose by'Urugaga; | (n) to verify compliance with the principle of gender equality in all activities of the Institute; | (n) vérifier le respect du principe d'égalité entre les femmes et les hommes dans toutes les activités de l'Ordre ; |
| (o) gufata umwanzuro ku kindi kintu cyose kireba Urugaga kidateganywa n'amategeko ngengamikorere n'amategeko ngengamyitwarire. | (o) to decide on any other matter concerning the Institute not explicitly provided for under the Rules of Procedure and the Code of Ethics. | (o) statuer sur toute autre question concernant l'Ordre qui n'est pas expressément prévue par le Règlement intérieur et le Code de déontologie. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 15</u>: Responsibilities of the Chairperson of the Governing Council** | **<u>Article 15</u> : Attributions du Président du Conseil d'administration** |
| Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ni izi zikurikira: | The responsibilities of the Chairperson of the Governing Council are the following: | Les attributions du Président du Conseil d'administration sont les suivantes : |
| (a) gutumiza no kuyobora inama z'Inteko Rusange n'iz'Inama y'Ubuyobozi; | (a) to convene and chair the meetings of the General Assembly and of the Governing Council; | (a) convoquer et présider les réunions de l'Assemblée générale et celles du Conseil d'administration ; |
| (b) kugeza ku Nteko Rusange igenamigambi ry'igihe kirekire, raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'ingengo | (b) to present to the General Assembly the strategic plan as well as the activity report and budget execution report for the preceding year; | (b) présenter à l'Assemblée générale le plan stratégique ainsi que le rapport d'activités et le rapport d'exécution budgétaire pour l'exercice écoulé ; |

| | | |
|---|---|---|
| y'imari by'umwaka urangiye; | | |
| (c) kugeza ku Nteko Rusange gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari by'umwaka ukurikira; | (c) to present to the General Assembly the action plan and draft budget proposal for the following year; | (c) présenter à l'Assemblée générale le plan d'action et l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant ; |
| (d) gukurikirana imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa; | (d) to monitor the performance of the Executive Secretariat; | (d) faire le suivi des performances du Secrétariat exécutif ; |
| (e) guhagararira Urugaga imbere y'amategeko n'izindi nzego; | (e) to act as the legal representative of the Institute and represent it before other organs; | (e) agir en qualité de représentant légal de l'Ordre et représenter celui-ci auprès d'autres organes ; |
| (f) gushyikiriza inzego bireba ibyemezo na raporo by'Urugaga; | (f) to submit to relevant organs decisions and reports of the Institute; | (f) soumettre aux organes concernés les décisions et les rapports de l'Ordre ; |
| (g) gukora indi nshingano ireba Urugaga yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi cyangwa Inteko Rusange. | (g) to perform any other responsibility incumbent upon the Institute as may be assigned by the Governing Council or the General Assembly. | (g) assumer toute autre attribution qui incombe à l'Ordre pouvant lui être confiée par le Conseil d'administration ou l'Assemblée générale. |
| **<u>Ingingo ya 16:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 16</u>: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Governing Council** | **<u>Article 16</u> : Attributions du Vice-président du Conseil d'administration** |
| Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ni izi zikurikira: | The responsibilities of the Vice Chairperson of the Governing Council are the following: | Les attributions du Vice-président du Conseil d'administration sont les suivantes : |
| (a) kunganira Perezida w'Inama y'Ubuyobozi; | (a) to assist the Chairperson of the Governing Council; | (a) assister le Président du Conseil d'administration ; |

| | | |
|---|---|---|
| (b) gusimbura Perezida w'Inama y'Ubuyobozi igihe adahari; | (b) to deputize for the Chairperson of the Governing Council in case of his or her absence; | (b) assurer la suppléance du Président du Conseil d'administration en cas d'absence ; |
| (c) gukora indi nshingano ireba Urugaga yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi cyangwa Inteko Rusange. | (c) to perform any other responsibility incumbent upon the Institute as may be assigned by the Governing Council or the General Assembly. | (c) assumer toute autre attribution qui incombe à l'Ordre pouvant lui être confiée par le Conseil d'administration ou l'Assemblée générale. |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Inshingano z'abandi bagize Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 17</u>: Responsibilities of other members of the Governing Council** | **<u>Article 17</u> : Attributions des autres membres du Conseil d'administration** |
| Amategeko ngengamikorere y'Urugaga agena inshingano z'abandi bagize Inama y'Ubuyobozi. | The Rules of Procedure of the Institute determine the responsibilities of other members of the Governing Council. | Le Règlement intérieur de l'Ordre détermine les attributions des autres membres du Conseil d'administration. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Itumizwa, iterana n'ifatwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 18</u>: Convening, holding and decision-making of the Governing Council meeting** | **<u>Article 18</u> : Convocation, tenue et prise de décisions de la réunion du Conseil d'administration** |
| (1) Inama y'Inama y'Ubuyobozi iterana rimwe mu mezi atatu n'igihe bibaye ngombwa. Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari. | (1) The Governing Council meets once every three months and whenever necessary. The meeting is convened and chaired by the Chairperson or by the Vice Chairperson in the Chairperson's absence. | (1) Le Conseil d'administration se réunit une fois tous les trois mois et chaque fois que de besoin. La réunion est convoquée et présidée par le Président ou, en son absence, par le Vice-président. |
| (2) Inama y'Inama y'Ubuyobozi iterana iyo hari nibura bibiri bya gatatu by'abayigize. Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane busesuye, iyo ubwumvikane busesuye butabonetse, | (2) The Governing Council meeting is duly constituted when at least two-thirds of its members are present. Decisions are made by consensus and, if no consensus is reached, they are | (2) Le quorum requis pour la tenue du Conseil d'administration est atteint lorsque les deux tiers de ses membres sont présents. Les décisions sont prises par consensus et, à défaut de celui-ci, à |

| | | |
|---|---|---|
| ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi. | made by an absolute majority of votes. | la majorité absolue des voix. |
| (3) Amategeko ngengamikorere y'Urugaga agena uburyo inama y'Inama y'Ubuyobozi itumizwa. | (3) The Rules of Procedure of the Institute determine procedures for convening the Governing Council meeting. | (3) Le Règlement intérieur de l'Ordre détermine les modalités de convocation de la réunion du Conseil d'administration. |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 19</u>: Invitation of a resource person to the Governing Council meeting** | **<u>Article 19</u> : Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'administration** |
| (1) Inama y'Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo iri ku murongo w'ibyigwa. | (1) The Governing Council may invite to its meeting any resource person it considers capable of providing it with advice on any item on the agenda. | (1) Le Conseil d'administration peut inviter à sa réunion une personne ressource dont il estime qu'elle est en mesure de lui donner des conseils sur un quelconque point à l'ordre du jour. |
| (2) Utumiwe mu nama y'Inama y'Ubuyobozi ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa. | (2) The person invited to the Governing Council meeting is not permitted to vote or to follow debates on other items on the agenda. | (2) La personne invitée à la réunion du Conseil d'administration n'est autorisée ni à voter, ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour. |
| (3) Utumiwe mu nama y'Inama y'Ubuyobozi abika ibanga ry'ibyavugiwe mu nama. | (3) A person invited to the Governing Council meeting maintains the confidentiality of the meeting's deliberations. | (3) Une personne invitée à une réunion du Conseil d'administration préserve le caractère confidentiel des délibérations de cette réunion. |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Inyungu bwite mu kibazo gisuzumwa** | **<u>Article 20</u>: Personal interest in a matter under consideration** | **<u>Article 20</u> : Intérêt personnel dans une question à l'examen** |
| (1) Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi | (1) When a member of the Governing | (1) Lorsqu'un membre du Conseil |

afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa, ahita amenyesha Inama y'Ubuyobozi aho iyo nyungu ishingiye.

(2) Ugize Inama y'Ubuyobozi wamenyesheje inyungu afite ku kibazo gisuzumwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.

(3) Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa ku buryo bidashoboka kugifataho icyemezo, icyo kibazo gishyikirizwa Inteko Rusange ikagifataho icyemezo mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye umunsi igishyikirijwe.

**Ingingo ya 21: Uburyozwe bw'abagize Inama y'Ubuyobozi**

Abagize Inama y'Ubuyobozi baryozwa umwe ku giti cye cyangwa bose, ibyo bahombeje cyangwa bangije n'amakosa bakoreye Urugaga mu gihe bari mu mirimo yabo, uretse ugize Inama y'Ubuyobozi

Council has a direct or indirect personal interest in a matter under consideration, he or she immediately discloses the origin of such an interest to the Governing Council.

(2) A member of the Governing Council having disclosed his or her interest in an issue under consideration does not attend the meeting deliberating on that issue.

(3) When it is established that most or all of the members of the Governing Council have an interest, whether direct or indirect, in an issue under consideration, making it impossible to decide on the issue, the issue is referred to the General Assembly for a decision within 30 days of the date of the matter being referred to it.

**Article 21: Liability of members of the Governing Council**

Members of the Governing Council are held individually or collectively liable for losses or damages they cause and wrongful acts they commit against the Institute in the course of their duties, except for a member of the

d'administration a un intérêt personnel direct ou indirect dans une question à l'examen, il en informe immédiatement le Conseil d'administration en précisant l'origine dudit intérêt.

(2) Un membre du Conseil d'administration ayant déclaré son intérêt dans une question à l'examen n'assiste pas à la réunion qui délibère sur cette question.

(3) Lorsqu'il est établi que la plupart ou l'ensemble des membres du Conseil d'administration ont un intérêt direct ou indirect dans une question à l'examen, rendant ainsi impossible la prise d'une décision sur cette question, celle-ci est renvoyée à l'Assemblée générale pour décision dans les 30 jours à compter de la date à laquelle cette question lui est renvoyée.

**Article 21 : Responsabilité des membres du Conseil d'administration**

Les membres du Conseil d'administration sont tenus, individuellement ou solidairement, responsables des pertes ou dommages causés par eux ainsi que des fautes commises par eux envers l'Ordre dans l'exercice de leurs

wagaragaje mu nama ko atemera icyemezo cyafashwe, bikandikwa mu nyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi y'uwo munsi.

**<u>Akiciro ka 3</u>: Inama y'Ubugenzuzi**

**<u>Ingingo ya 22</u>: Abagize Inama y'Ubugenzuzi na manda yabo**

(1) Inama y'Ubugenzuzi igizwe n'abanyamuryango batanu batorwa n'Inteko Rusange hakurikijwe amategeko ngengamikorere y'Urugaga.

(2) Manda y'abagize Inama y'Ubugenzuzi ni imyaka itatu ibarwa uhereye ku munsi batangiriyeho inshingano kandi ishobora kongerwa inshuro imwe.

**<u>Ingingo ya 23</u>: Inshingano z'Inama y'Ubugenzuzi**

Inshingano z'Inama y'Ubugenzuzi ni izi zikurikira:

(a) kugenzura imikorere y'Inama y'Ubuyobozi,

Governing Council having expressed a dissenting opinion on a decision taken, provided that such an opinion is recorded in the minutes of the relevant Governing Council meeting.

**<u>Subsection 3</u>: Audit Committee**

**<u>Article 22</u>: Members of the Audit Committee and their term of office**

(1) The Audit Committee consists of five members elected by the General Assembly in accordance with the Rules of Procedure of the Institute.

(2) The term of office for members of the Audit Committee is three years from the date of assuming office and is renewable once.

**<u>Article 23</u>: Responsibilities of the Audit Committee**

The responsibilities of the Audit Committee are the following:

(a) to oversee the functioning of the Governing Council, that of the

fonctions, à l'exception d'un membre du Conseil d'administration ayant exprimé une opinion dissidente sur une décision prise, laquelle opinion est consignée au procès-verbal de la réunion concernée du Conseil d'administration.

**<u>Sous-section 3</u> : Comité d'audit**

**<u>Article 22</u> : Membres du Comité d'audit et leur mandat**

(1) Le Comité d'audit se compose de cinq membres élus par l'Assemblée générale conformément au Règlement intérieur de l'Ordre.

(2) Le mandat des membres du Comité d'audit est de trois ans à compter de la date de leur entrée en fonction et est renouvelable une fois.

**<u>Article 23</u> : Attributions du Comité d'audit**

Les attributions du Comité d'audit sont les suivantes :

(a) contrôler le fonctionnement du Conseil d'administration, celui du Secrétariat

| | | |
|---|---|---|
| iy'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa n'iy'izindi nzego z'Urugaga; | Executive Secretariat, and that of other organs of the Institute; | exécutif ainsi que celui des autres organes de l'Ordre ; |
| (b) kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byose byafashwe hagamijwe kurengera inyungu rusange z'abanyamuryango; | (b) to oversee the implementation of all decisions made to safeguard the common interests of members; | (b) contrôler la mise en œuvre de toutes les décisions prises pour sauvegarder les intérêts communs des membres ; |
| (c) gushyikiriza raporo yayo Inteko Rusange ikamenyesha Inama y'Ubuyobozi; | (c) to submit its report to the General Assembly and inform the Governing Council accordingly; | (c) soumettre son rapport à l'Assemblée générale et informer à cet effet le Conseil d'administration ; |
| (d) gukurikirana imikorere y'umugenzuzi w'Urugaga; | (d) to monitor the performance of the internal auditor of the Institute; | (d) faire le suivi de la performance de l'auditeur interne de l'Ordre ; |
| (e) kugenzura ibitabo by'ibaruramari n'iby'icungamutungo; | (e) to audit books of accounts and financial records; | (e) faire l'audit des livres comptables et des documents financiers ; |
| (f) gukora indi nshingano ireba Urugaga yahabwa n'Inteko Rusange. | (f) to perform any other responsibility incumbent upon the Institute as may be assigned by the General Assembly. | (f) assumer toute autre attribution qui incombe à l'Ordre, pouvant lui être confiée par l'Assemblée générale. |
| **Ingingo ya 24: Iterana ry'Inama y'Ubugenzuzi** | **Article 24: Meeting of the Audit Committee** | **Article 24 : Réunion du Comité d'audit** |
| (1) Inama y'Ubugenzuzi iterana nibura rimwe mu mezi atatu n'igihe bibaye ngombwa cyangwa ibisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu cy'abanyamuryango b'Urugaga. | (1) The Audit Committee meets at least once every three months and whenever necessary or at the written request of at least one-third of the members of the Institute. | (1) Le Comité d'audit se réunit au moins une fois tous les trois mois et chaque fois que de besoin ou à la demande écrite d'au moins un tiers des membres de l'Ordre. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Mu nama yayo ya mbere, Inama y'Ubugenzuzi itumizwa na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ikitoramo Perezida, Visi Perezida n'umwanditsi. | (2) The first meeting of the Audit Committee is convened by the Chairperson of the Governing Council and elects from among its members a Chairperson, Vice Chairperson and Secretary. | (2) Lors de sa première réunion, le Comité d'audit est convoqué par le Président du Conseil d'administration et élit en son sein un Président, un Vice-président et un Secrétaire. |
| **<u>Akiciro ka 4</u>: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa** | **<u>Subsection 4</u>: Executive Secretariat** | **<u>Sous-section 4</u> : Secrétariat exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa** | **<u>Article 25</u>: Members of the Executive Secretariat** | **<u>Article 25</u> : Membres du Secrétariat exécutif** |
| Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi bashyirwaho hakurikijwe imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Urugaga. | The Executive Secretariat consists of the Executive Secretary and other staff members appointed in accordance with the Institute's organisational structure. | Le Secrétariat exécutif se compose d'un Secrétaire exécutif et d'autres membres du personnel nommés conformément au cadre organique de l'Ordre. |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Ishyirwaho ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'iry'abandi bakozi b'Urugaga** | **<u>Article 26</u>: Appointment of the Executive Secretary and other Staff members of the Institute** | **<u>Article 26</u> : Nomination du Secrétaire exécutif et des autres membres du personnel de l'Ordre** |
| (1) Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashyirwaho binyuze mu ipiganwa akemezwa n'Inama y'Ubuyobozi. | (1) The Executive Secretary is appointed through a competition and is approved by the Governing Council of the Institute. | (1) Le Secrétaire exécutif est nommé par le biais d'une compétition et approuvé par le Conseil d'administration de l'Ordre. |
| (2) Abandi bakozi b'Urugaga bashyirwa mu myanya y'imirimo n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa. | (2) Other staff members of the Institute are appointed by the Executive Secretariat. | (2) Les autres membres du personnel de l'Ordre sont nommés par le Secrétariat exécutif. |

| | | |
|---|---|---|
| (3) Amategeko ngengamikorere y'Urugaga agena uburyo bukoreshwa mu gushaka no gushyira mu myanya abandi bakozi. | (3) The Rules of Procedure of the Institute determine procedures for the recruitment and appointment of other staff members. | (3) Le Règlement intérieur de l'Ordre détermine les modalités de recrutement et d'affectation d'autres membres du personnel. |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa** | **<u>Article 27</u>: Responsibilities of the Executive Secretary** | **<u>Article 27</u> : Attributions du Secrétaire exécutif** |
| Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urugaga afite inshingano zikurikira: | The Executive Secretary of the Institute has the following responsibilities: | Le Secrétaire exécutif de l'Ordre a les attributions suivantes : |
| (a) guhuza no kuyobora imirimo ya buri munsi y'Urugaga; | (a) to coordinate and direct the daily activities of the Institute; | (a) coordonner et diriger des activités quotidiennes de l'Ordre ; |
| (b) kuba umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'iy'Inteko Rusange; | (b) to serve as rapporteur of the meeting of the Governing Council and that of the General Assembly; | (b) être le rapporteur de la réunion du Conseil d'administration et celle de l'Assemblée générale ; |
| (c) gutegura gahunda n'inyandiko zisuzumwa n'Inama y'Ubuyobozi n'iz'Inteko Rusange; | (c) to prepare the agenda of the Governing Council and the General Assembly as well as documents to be examined during their meetings; | (c) préparer l'ordre du jour du Conseil d'administration et de l'Assemblée générale ainsi que les documents à examiner lors de leurs réunions ; |
| (d) gutegura no kubika Urutonde rw'abanyamuryango b'Urugaga; | (d) to prepare and keep the Roll of Members of the Institute; | (d) préparer et tenir le Tableau des membres de l'Ordre ; |
| (e) gucunga imari n'umutungo by'Urugaga; | (e) to manage the finances and property of the Institute; | (e) gérer les finances et le patrimoine de l'Ordre ; |
| (f) gushyira mu bikorwa ingengo y'imari y'Urugaga; | (f) to execute the budget of the Institute; | (f) exécuter le budget de l'Ordre ; |

| | | |
|---|---|---|
| (g) gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi igenamigambi ry'igihe kirekire; | (g) to develop the strategic plan and submit it to the Governing Council; | (g) élaborer le plan stratégique et le soumettre au Conseil d'administration ; |
| (h) gutegura igenamigambi n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari by'umwaka ukurikira; | (h) to develop the plan of action and the draft budget proposal for the following year; | (h) élaborer le plan d'action et l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant ; |
| (i) gutegura raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'umwaka urangiye; | (i) to prepare the activity report and report on the use of finances and property for the preceding year; | (i) préparer le rapport d'activités et le rapport sur l'utilisation des finances et du patrimoine pour l'exercice écoulé ; |
| (j) gutegura umushinga w'ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi, abagize Inama y'Ubugenzuzi, abagize Komite zihoraho cyangwa izidahoraho bitabiriye inama; | (j) to prepare a proposal for sitting allowances for members of the Governing Council, members of the Audit Committee or members of Standing and ad hoc Committees; | (j) préparer une proposition de jetons de présence pour les membres du Conseil d'administration, du Comité d'audit ou des Commissions permanentes ou ad hoc ; |
| (k) guhagararira Urugaga mu nama za tekiniki n'izindi yakoherezwamo na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi; | (k) to represent the Institute in technical meetings and other meetings, as may be mandated by the Chairperson of the Governing Council; | (k) représenter l'Ordre au sein de réunions techniques et d'autres réunions auxquelles il peut être chargé par le Président du Conseil d'administration de participer ; |
| (l) kwitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi n'iz'Inteko Rusange, agatangamo ibitekerezo ariko ntatora; | (l) to participate in the meetings of the Governing Council and those of the General Assembly, and express opinions therein, but without voting rights; | (l) participer aux réunions du Conseil d'administration et à celles de l'Assemblée générale et y exprimer des avis, mais sans voix délibérative ; |

| | | |
|---|---|---|
| (m) gukora indi nshingano ireba Urugaga yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi. | (m) to perform any other responsibility incumbent upon the Institute as may be assigned by the Governing Council. | (m) assumer toute autre attribution qui incombe à l'Ordre pouvant lui être confiée par le Conseil d'administration. |
| **<u>Ingingo ya 28:</u> Inshingano z'abandi bakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa** | **<u>Article 28</u>: Responsibilities of other staff members of the Executive Secretariat** | **<u>Article 28</u> : Attributions d'autres membres du personnel du Secrétariat exécutif** |
| Amategeko ngengamikorere y'Urugaga agena inshingano z'abandi bakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa. | The Rules of Procedure of the Institute determine the responsibilities of other staff members of the Executive Secretariat. | Le Règlement intérieur de l'Ordre détermine les attributions des autres membres du personnel du Secrétariat exécutif. |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Imishahara n'ibindi bigenerwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa** | **<u>Article 29</u>: Salaries and fringe benefits for the Executive Secretary and other staff members of the Executive Secretariat** | **<u>Article 29</u> : Salaires et autres avantages accordés au Secrétaire exécutif et aux autres membres du personnel du Secrétariat exécutif** |
| Imishahara n'ibindi bigenerwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bigenwa n'Inama y'Ubuyobozi. | The salaries and fringe benefits for the Executive Secretary and other staff members of the Executive Secretariat are determined by the Governing Council. | Les salaires et autres avantages accordés au Secrétaire exécutif et aux autres membres du personnel du Secrétariat exécutif sont déterminés par le Conseil d'administration. |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: IKORWA RY'UMWUGA W'UBUHANGA MU GUHANGA INYUBAKO, UW'UBUHANGA MU BWUBATSI N'UW'UBUHANGA MU KUBARA, KUGENA NO KUGENZURA INGANO Y'IBINTU N'IBICIRO MU BWUBATSI** | **<u>CHAPTER IV</u>: PRACTICE OF THE PROFESSIONS OF ARCHITECTURE, ENGINEERING AND QUANTITY SURVEYING** | **<u>CHAPITRE IV</u> : EXERCICE DES PROFESSIONS D'ARCHITECTE, D'INGÉNIEUR ET DE MÉTREUR** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Imirimo n'ibyiciro by'ubuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako, iby'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi n'iby'ubuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi** | **<u>Section One</u>: Professional architectural, engineering and quantity surveying services and categories of the professions of architecture, engineering and quantity surveying** | **<u>Section première</u> : Services professionnels d'architecture, d'ingénierie et de métré et catégories des professions d'architecte, d'ingénieur et de métreur** |
| **<u>Akiciro ka mbere</u>: Imirimo n'ibyiciro by'ubuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako** | **<u>Subsection One</u> : Professional architectural services and categories of the profession of architecture** | **<u>Sous-section première</u> : Services professionnels d'architecture et catégories de la profession d'architecte** |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Imirimo y'ubuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako** | **<u>Article 30</u>: Professional architectural services** | **<u>Article 30</u> : Services professionnels d'architecture** |
| (1) Imirimo y'ubuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako irimo – | (1) The professional architectural services include – | (1) Les services professionnels d'architecture comprennent – |
| (a) gutegura no kugena inyigo yo kurema igishushanyo mbonera cy'inyubako imbere n'inyuma, imiterere yo hanze y'inyubako n'ibindi bikorwa bifitanye isano; | (a) planning and designing buildings, interior and exterior layouts thereof as well as other related structures; | (a) la planification et la conception de bâtiments, leurs aménagements intérieurs et extérieurs ainsi que d'autres structures connexes ; |
| (b) gutanga inama ku mbanzirizamushinga y'inyubako, ku mikoreshereze yayo, ku burambe bwayo no ku iyubahirizwa ry'amategeko y'imyubakire; | (b) providing advice on a draft feasibility study, its sustainability, and compliance with building code; | (b) la fourniture de conseils sur un projet d'étude de faisabilité, sa durabilité et sa conformité au code de construction ; |
| (c) gutegura ibishushanyo bicukumbuye bikoreshwa mu | (c) preparing detailed construction drawings, specifications, and | (c) la préparation de dessins de construction détaillés, de |

| | | |
|---|---|---|
| kubaka, ibisobanuro n'inyandiko z'amasezerano; | contract documents; | spécifications et de documents contractuels ; |
| (d) kugenzura iyubakwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibishushanyo mbonera by'inyubako; | (d) overseeing the construction and implementation of design projects; | (d) le contrôle de la construction et de la mise en œuvre des projets de conception ; |
| (e) kugenzura ko amategeko y'ubuzima n'umutekano yubahirizwa mu gihe cy'imirimo; | (e) overseeing compliance with health and safety regulations during the performance of services; and | (e) le contrôle de la conformité aux réglementations en matière de santé et de sécurité pendant la réalisation des services ; et |
| (f) no gutanga ubumenyi, inama no gukora inyigo mu bijyanye no kubungabunga no gusana inyubako. | (f) providing expertise and guidance on and conduct studies in building conservation, preservation and renovation. | (f) la fourniture d'une expertise, de conseils et la réalisation d'études en matière de conservation, de préservation et de rénovation du bâtiment. |
| (2) Iteka rya Minisitiri rishobora kugena indi mirimo y'ubuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako. | (2) An Order of the Minister may determine other professional architectural services. | (2) Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres services professionnels d'architecture. |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Ukora imirimo y'ubuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako** | **<u>Article 31</u>: Provider of professional architectural services** | **<u>Article 31</u> : Prestataire de services professionnels d'architecture** |
| Imirimo y'ubuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako ikorwa n'uwujuje ibisabwa bigenwa n'iri tegeko kandi uri muri kimwe mu byiciro bikurikira: | Professional architectural services may only be performed by a person who meets the requirements provided for under this Law and is categorized as either: | La prestation de services professionnels d'architecture ne peut être assurée que par une personne remplissant les conditions prévues par la présente loi et relevant d'une quelconque des catégories suivantes en tant que : |

| | | |
|---|---|---|
| (a) umuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako; | (a) a professional architect; | (a) architecte professionnel ; |
| (b) umuhanga mu kwiga no kugena imiterere yo hanze y'inyubako n'ubusitani; | (b) a landscape architect; | (b) architecte paysagiste ; |
| (c) umuhanga mu kwiga no kugena imiterere yo mu nyubako imbere; | (c) an interior designer; | (c) architecte d'intérieur ; |
| (d) uwunganira umuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako; | (d) an architectural technologist; | (d) technologue en architecture ; |
| (e) ikigo cy'ubuhanga mu mwuga wo guhanga inyubako. | (e) an architectural consulting firm. | (e) cabinet de conseil en architecture. |
| **<u>Akiciro ka 2</u>: Imirimo n'ibyiciro by'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi** | **<u>Subsection 2</u>: Professional engineering services and categories of the profession of engineering** | **<u>Sous- section 2</u> : Services professionnels d'ingénierie et catégories de la profession d'ingénierie** |
| **<u>Ingingo ya 32</u>: Imirimo y'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi** | **<u>Article 32</u>: Professional engineering services** | **<u>Article 32</u> : Services professionnels d'ingénierie** |
| (1) Imirimo y'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi irimo – | (1) The professional engineering services include – | (1) Les services professionnels d'ingénierie comprennent – |
| (a) gukora inyigo zijyanye n'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi; | (a) performing technical studies in engineering; | (a) la réalisation d'études techniques d'ingénierie; |
| (b) gutegura no gukurikirana imirimo y'inyubako; | (b) planning and supervising construction activities; | (b) la planification et la supervision des activités de construction ; |

| | | |
|---|---|---|
| (c) gutegura inyandiko z'amasezerano; | (c) preparing contract documents; | (c) la préparation de documents contractuels ; |
| (d) gushyira mu bikorwa ibikorwa byose by'ubwubatsi; | (d) executing all construction works; | (d) l'exécution de tous les travaux de construction; |
| (e) kugenzura ko amategeko y'ubuzima n'umutekano yubahirizwa mu gihe cy'imirimo. | (e) overseeing compliance with health and safety regulations during the performance of services; | (e) le contrôle de la conformité aux réglementations en matière de santé et de sécurité pendant la réalisation des services ; |
| (2) Iteka rya Minisitiri rishobora kugena indi mirimo y'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi. | (2) An Order of the Minister may determine other professional engineering services. | (2) Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres services professionnels d'ingénierie. |
| **<u>Ingingo ya 33:</u> Ukora imirimo y'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi** | **<u>Article 33</u>: Provider of professional engineering services** | **<u>Article 33</u> : Prestataire de services professionnels d'ingénierie** |
| (1) Imirimo y'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi ikorwa n'uwujuje ibisabwa bigenwa n'iri tegeko kandi uri muri kimwe mu byiciro bikurikira: | (1) Professional engineering services are performed by a person who meets the requirements provided for under this Law and is categorised as either: | (1) L'exécution des services professionnels d'ingénierie est assurée que par une personne remplissant les conditions prévues par la présente loi et relevant de l'une quelconque des catégories suivantes en tant que : |
| (a) umuhanga mu mwuga w'ubwubatsi; | (a) a professional engineer; | (a) ingénieur professionnel ; |
| (b) uwunganira umuhanga mu mwuga w'ubwubatsi; | (b) an engineering technologist; | (b) technologue en ingénierie ; |
| (c) umwubatsi; | (c) an engineering technician; | (c) technicien en ingénierie ; |

| | | |
|---|---|---|
| (d) ikigo cy'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi. | (d) an engineering consulting firm. | (d) cabinet de conseil en ingénierie. |
| (2) Iteka rya Minisitiri rigena ibindi byiciro by'imirimo y'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi, abandi bakora imirimo y'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi n'imikorere yabo. | (2) An Order of the Minister determines other categories of professional engineering services, other providers of professional engineering services and procedures for the practice of their profession. | (2) Un arrêté du Ministre détermine d'autres catégories de services professionnels d'ingénierie, d'autres prestataires de services professionnels d'ingénierie et les modalités d'exercice de leur profession. |
| **<u>Ingingo ya 34:</u> Ibyiciro by'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi** | **<u>Article 34</u>: Categories of the profession of engineering** | **<u>Article 34</u> : Catégories de la profession d'ingénierie** |
| (1) Ibyiciro by'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi birimo – | (1) The categories of engineering include – | (1) Les catégories d'ingénierie comprennent – |
| (a) ubuhanga mu bwubatsi bw'inyubako; | (a) civil engineering; | (a) l'ingénierie civile ; |
| (b) ubuhanga mu bwubatsi mu mashanyarazi; | (b) electrical engineering; | (b) l'ingénierie électrique ; |
| (c) ubuhanga mu bwubatsi mu bukanishi; | (c) mechanical engineering; | (c) l'ingénierie mécanique ; |
| (d) ubuhanga mu bwubatsi mu bijyanye n'ibidukikije; | (d) environmental engineering; | (d) l'ingénierie de l'environnement ; |
| (e) ubuhanga mu bwubatsi bw'ikoranabuhanga, mu itangazabumenyi n'itumanaho; | (e) information technology engineering; and | (e) l'ingénierie des technologies de l'information ; et |

| | | |
|---|---|---|
| (f) n'ubuhanga mu bwubatsi mu by'ubutabire. | (f) chemical engineering. | (f) l'ingénierie chimique. |
| (2) Iteka rya Minisitiri rishobora kugena ikindi cyiciro cy'ubuhanga mu mwuga w'ubwubatsi. | (2) An Order of the Minister may determine another category of the profession of engineering. | (2) Un arrêté du Ministre peut déterminer une autre catégorie de la profession d'ingénierie. |
| **<u>Akiciro ka 3</u>: Imirimo n'ibyiciro by'ubuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi** | **<u>Subsection 3</u>: Professional quantity surveying services and categories of the profession of quantity surveying** | **<u>Sous- section 3</u> : Services professionnels de métré et catégories de la profession de métré** |
| **<u>Ingingo ya 35</u>: Imirimo y'ubuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi** | **<u>Article 35</u>: Professional quantity surveying services** | **<u>Article 35</u> : Services professionnels de métré** |
| (1) Imirimo y'ubuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi irimo – | (1) The professional quantity surveying services include – | (1) Les services professionnels de métré comprennent – |
| (a) gukora inyigo ku giciro cy'inyubako igiye kubakwa; | (a) the conduct of a cost feasibility study for a construction project; | (a) la réalisation d'une étude de faisabilité des coûts d'un projet de construction ; |
| (b) gutegura inyandiko z'ibipimo by'ubwubatsi; | (b) the preparation of bills of quantity; | (b) la préparation de devis quantitatif ; |
| (c) gutegura ingengo y'imari y'ibikorwa by'ubwubatsi no kugenzura ibiciro; | (c) budget planning for construction activities and cost monitoring; | (c) la planification budgétaire des activités de construction et le contrôle des coûts; |
| (d) gutegura cyangwa gusuzuma ibibazo | (d) the preparation or assessment of | (d) la préparation ou l'analyse des |

| | | |
|---|---|---|
| birebana n'amasezerano mu gihe cyo gushyira mu bikorwa imirimo y'ubwubatsi; | contractual claims during the execution of construction works; | réclamations contractuelles pendant l'exécution de travaux de construction ; |
| (e) kugenzura iyubahirizwa ry'ibikorwa by'ubugenzuzi bw'ibipimo by'ubwubatsi; | (e) the compliance inspection of quantity surveying activities; | (e) le contrôle de conformité des activités de métré ; |
| (f) kugenzura ko amategeko y'ubuzima n'umutekano yubahirizwa mu gihe cy'imirimo; | (f) overseeing compliance with health and safety regulations during the performance of services; | (f) le contrôle de la conformité aux réglementations en matière de santé et de sécurité pendant la réalisation des services ; |
| (g) gukora igenzura ry'igiciro cy'imishinga y'ibikorwaremezo; | (g) conducting a cost audit of infrastructure projects; | (g) la réalisation d'un audit des coûts de projets d'infrastructure ; |
| (h) gukora igenzura ry'igiciro cyo gusana ku bw'ubwishingizi bw'ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi; | (h) preparing a reinstatement cost assessment for a construction site for insurance purposes; and | (h) l'établissement d'une expertise d'évaluation du coût de remise en état d'un chantier à des fins d'assurance ; et |
| (i) no kugira uruhare mu kugenzura ko ibikorwa by'ubwubatsi byubahiriza amategeko agenga imyubakire. | (i) participating in the inspection of compliance of construction activities with building regulations. | (i) la participation au contrôle de la conformité des activités de construction avec les réglementations en matière de construction. |
| (2) Iteka rya Minisitiri rishobora kugena indi mirimo y'ubuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi. | (2) An Order of the Minister may determine other professional quantity surveying services. | (2) Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres services professionnels de métré. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Ukora imirimo y'ubuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi** | **<u>Article 36</u>: Provider of professional quantity surveying services** | **<u>Article 36</u> : Prestataire de services professionnels de métré** |
| Imirimo y'ubuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi ikorwa n'uwujuje ibisabwa bigenwa n'iri tegeko kandi uri muri kimwe mu byiciro bikurikira: | Professional quantity surveying may only be performed by a person who meets the requirements provided for under this Law and is categorised as either: | L'exécution des services professionnels de métré ne peut être assurée que par une personne remplissant les conditions prévues par la présente loi et relevant d'une quelconque des catégories suivantes en tant que : |
| (a) umuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi; | (a) a professional quantity surveyor; | (a) métreur professionnel; |
| (b) uwunganira umuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi; | (b) a quantity surveying technologist; | (b) technologue en métré ; |
| (c) ikigo cy'ubuhanga mu mwuga wo kubara, kugena no kugenzura ingano y'ibintu n'ibiciro mu bwubatsi. | (c) a quantity surveying firm. | (c) cabinet de métreur. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Kwiyandikisha mu Rugaga, kwimenyereza no kwemererwa gukora umwuga w'ubuhanga** | **<u>Section 2</u>: Registration with the Institute, professional internship and licence to practice the profession** | **<u>Section 2</u> : Inscription auprès de l'Ordre, stage professionnel et licence d'exercice de la profession** |
| **<u>Akiciro ka mbere</u>: Kwiyandikisha mu Rugaga** | **<u>Subsection One</u>: Registration with the Institute** | **<u>Sous-section première</u> : Inscription auprès de l'Ordre** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 37: Kwiyandikisha mu Rugaga** | **Article 37: Registration with the Institute** | **Article 37 : Inscription auprès de l'Ordre** |
| (1) Umuntu wifuza gukora umwuga w'ubuhanga n'usanzwe akora umwuga w'ubuhanga atanditse biyandikisha mu Rugaga. | (1) A person wishing to practice the profession, or is already practicing it without being registered, must register with the Institute. | (1) Une personne souhaitant exercer la profession ou l'exerçant déjà sans être inscrite doit se faire inscrire auprès de l'Ordre. |
| (2) Umunyamwuga w'umunyamahanga cyangwa ikigo cy'ubuhanga cyo mu mahanga byifuza gukorera mu Rwanda umwuga w'ubuhanga biyandikisha mu Rugaga, nyuma yo kuzuza ibindi bisabwa n'amategeko ku munyamahanga cyangwa ikigo cyo mu mahanga byifuza gukorera mu Rwanda. | (2) A foreign professional or foreign professional entity wishing to practice the profession in Rwanda registers with the Institute, after fulfilling other legal requirements applicable to a foreign professional or foreign entity wishing to operate in Rwanda. | (2) Un professionnel étranger ou une entité professionnelle étrangère souhaitant exercer la profession au Rwanda se fait inscrire auprès de l'Ordre**,** après avoir rempli les autres conditions légales applicables à un professionnel étranger ou à une entité étrangère souhaitant opérer au Rwanda. |
| **Akiciro ka 2: Kwimenyereza gukora umwuga w'ubuhanga** | **Subsection 2: Professional internship** | **Sous-section 2 : Stage professionnel** |
| **Ingingo ya 38: Kwimenyereza gukora umwuga w'ubuhanga** | **Article 38: Professional internship** | **Article 38 : Stage professionnel** |
| Umuntu ku giti cye wifuza kwimenyereza gukora umwuga w'ubuhanga abanza kwiyandikisha mu Rugaga, agashyirwa ku Rutonde rw'abimenyereza umwuga. | An individual who wishes to undertake a professional internship must first register with the Institute and be placed on the List of Interns. | Une personne physique qui souhaite effectuer un stage professionnel doit préalablement se faire inscrire auprès de l'Ordre et être inscrite à la Liste des stagiaires. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 39: Igihe cyo kwimenyereza gukora umwuga w'ubuhanga** | **Article 39: Duration of professional internship** | **Article 39 : Durée du stage professionnel** |
| (1) Umuntu ku giti cye yimenyereza gukora umwuga w'ubuhanga mu gihe cy'imyaka ibiri ibarwa uhereye ku munsi yatangiriyeho kwimenyereza umwuga, ayobowe n'umuhanga ufite uburambe mu mwuga yimenyerezamo kandi umaze nibura imyaka itanu mu Rugaga. Igihe cyo kwimenyereza gukora umwuga w'ubuhanga gishobora kongerwa kubera impamvu zumvikana. | (1) An individual undertakes a professional internship of two years from the commencement date of the internship, under the supervision of a professional with experience in the relevant profession and with at least five years of membership in the Institute. The professional internship duration may be extended for reasonable grounds. | (1) Une personne physique effectue un stage professionnel pendant une période de deux ans à compter de la date de début de son stage, sous la supervision d'un professionnel justifiant d'une expérience dans la profession concernée et qui est membre de l'Ordre depuis au moins cinq ans. La durée du stage professionnel peut être prolongée pour des raisons valables. |
| (2) Amategeko ngengamikorere y'Urugaga agena ibishingirwaho mu kongera igihe cyo kwimenyereza gukora umwuga w'ubuhanga, uburyo isuzumabushobozi ryo kwimenyereza umwuga rikorwa n'ibipimo ngenderwaho by'isuzuma kugira ngo umuntu yemererwe kwandikwa ku Rutonde rw'Urugaga. | (2) The Rules of Procedure of the Institute set out the criteria for the extension of the duration of the professional internship, procedures for organizing the assessment of capacities marking the end of the internship and the assessment criteria for registering a person on the Roll of Members of the Institute. | (2) Le Règlement intérieur de l'Ordre fixe les critères de prolongation de la durée du stage professionnel, les modalités d'organisation de l'évaluation des capacités sanctionnant la fin du stage et les critères d'évaluation pour inscrire une personne au Tableau des membres de l'Ordre. |
| **Akiciro ka 3: Kwemererwa gukora umwuga w'ubuhanga** | **Subsection 3: Being licensed to practice the profession** | **Sous-section 3 : Obtention d'une licence d'exercice de la profession** |
| **Ingingo ya 40: Uruhushya rwo gukora umwuga w'ubuhanga** | **Article 40: Licence to practice the profession** | **Article 40 : Licence d'exercice de la profession** |
| (1) Umuntu akora umwuga w'ubuhanga | (1) Practicing the profession requires a | (1) L'exercice de la profession requiert |

| | | |
|---|---|---|
| abifitiye uruhushya. | licence. | une licence. |
| (2) Amategeko ngengamikorere y'Urugaga agena ibisabwa kugira ngo uruhushya rwo gukora umwuga w'ubuhanga rutangwe, uburyo rutangwa, igihe rumara, ibisabwa kugira ngo rwongererwe igihe n'uburyo uwaruhawe arwamburwa. | (2) The Rules of Procedure of the Institute determine the requirements and procedures for issuing a licence to practice the profession, its validity period, requirements for its renewal, and procedures for its revocation. | (2) Le Règlement intérieur de l'Ordre détermine les conditions et modalités de délivrance d'une licence d'exercice de la profession, sa durée de validité, les conditions de son renouvellement, ainsi que les modalités de sa révocation. |
| **<u>Ingingo ya 41</u>: Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gukora umwuga w'ubuhanga** | **<u>Article 41</u>: Requirements for a person to be licensed to practice the profession** | **<u>Article 41</u> : Conditions requises pour l'obtention d'une licence d'exercice de la profession** |
| (1) Umuntu wemererwa gukora umwuga w'ubuhanga agomba kuba yujuje ibi bikurikira: | (1) For a person to be licensed to practice the profession, he or she must meet the following requirements: | (1) Pour qu'une personne obtienne une licence d'exercice de la profession, elle doit remplir les conditions suivantes : |
| (a) kuba ari Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga wize mu Rwanda, wanditse kandi wabiherewe uruhushya n'Urugaga; | (a) to be of Rwandan nationality or a foreign national having studied in Rwanda, registered and licensed to that end by the Institute; | (a) être de nationalité rwandaise ou ressortissant étranger ayant fait ses études au Rwanda, inscrit auprès de l'Ordre et ayant obtenu à cet effet une licence auprès de celui-ci ; |
| (b) kuba ari umunyamahanga ufite uruhushya rwo gukora umwuga w'ubuhanga rwemewe n'urwego rubigenga mu Gihugu akomokamo, wanditse kandi wemerewe gukora umwuga w'ubuhanga mu Rwanda. | (b) to be a foreign national with a licence to practice the profession recognised by the competent organ in his or her country of origin, who is registered and licensed to practice the profession in Rwanda; | (b) être un ressortissant étranger titulaire d'une licence d'exercice de la profession délivrée par l'organe compétent dans son pays d'origine, inscrit et titulaire d'une licence d'exercice de la profession au Rwanda ; |

| | | |
|---|---|---|
| (c) iyo umuntu uvugwa mu gika cya (1) ari ikigo cy'ubuhanga cyangwa urundi rwego byifuza gukora umwuga w'ubuhanga bigomba kubanza kubiherwa uruhushya n'Urugaga rugenga abahanga mu mwuga bishaka gukora. | (c) When the person referred to in Paragraph (1) is a consulting firm or any other entity seeking to practice the profession, it must first obtain, to that end, a licence from the Institute regulating practitioners of the profession it seeks to practice. | (c) Lorsque la personne visée à l'alinéa (1) est un cabinet de conseil ou toute autre entité désirant exercer la profession, elle doit obtenir, à cet effet, une licence préalable auprès de l'Ordre assurant la réglementation des praticiens de la profession qu'elle désire exercer. |
| (2) Amategeko ngengamikorere y'Urugaga ashobora kugena ibindi bisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gukora umwuga w'ubuhanga. | (2) The Rules of Procedure of the Institute may determine other requirements to be met for a person to be licensed to practice the profession. | (2) Le Règlement intérieur de l'Ordre peut déterminer d'autres conditions à remplir pour qu'une personne obtienne une licence d'exercice de la profession. |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Kuba umunyamuryango w'Urugaga no gutakaza ubunyamuryango** | **<u>Section 3</u>: Acquisition and loss of membership in the Institute** | **<u>Section 3</u> : Acquisition et perte de la qualité de membre de l'Ordre** |
| **<u>Ingingo ya 42</u>: Kuba umunyamuryango w'Urugaga** | **<u>Article 42</u>: Acquisition of membership in the Institute** | **<u>Article 42</u> : Acquisition de la qualité de membre de l'Ordre** |
| (1) Umuntu wemerewe n'Urugaga gukora umwuga w'ubuhanga aba abaye umunyamuryango warwo kandi yandikwa ku Rutonde rw'Urugaga nk'umuhanga mu mwuga cyangwa ku Rutonde rw'abimenyereza umwuga. | (1) A person licensed by the Institute to practice the profession automatically becomes its member and is registered on the Roll of Members of the Institute as a professional or on the List of Interns. | (1) Une personne qui obtient auprès de l'Ordre une licence d'exercice de la profession devient d'office membre de l'Ordre et se voit inscrire au Tableau des membres de l'Ordre en tant que professionnel ou à la Liste des stagiaires. |
| (2) Umuntu wemerewe kwandikwa ku Rutonde rw'Urugaga nk'umuhanga mu mwuga cyangwa ku rutonde rw'abimenyereza umwuga ahabwa inomero imuranga mu mwuga | (2) A person authorised to register on the Roll of Members of the Institute as a professional or on the list of interns is assigned a number that identifies him or her within the profession. | (2) Une personne autorisée à s'inscrire au Tableau des membres de l'Ordre en tant que professionnel ou à la liste des stagiaires se voit attribuer un numéro l'identifiant dans la profession. |

| | | |
|---|---|---|
| w'ubuhanga. | | |
| (3) Amategeko ngengamikorere y'Urugaga agena ibisabwa kugira ngo usaba kuba umunyamuryango w'Urugaga ashyirwe ku Rutonde. | (3) The Rules of Procedure of the Institute determine the requirements to be met by an applicant for membership in the Institute to be registered on the Roll of Members of the Institute. | (3) Le Règlement intérieur de l'Ordre fixe les conditions à remplir par un candidat à l'adhésion en tant que membre de l'Ordre en vue de son inscription au Tableau des membres de l'Ordre. |
| **Ingingo ya 43: Inshingano z'umunyamuryango w'Urugaga** | **Article 43: Responsibilities of a member of the Institute** | **Article 43 : Attributions d'un membre de l'Ordre** |
| Umunyamuryango w'Urugaga afite inshingano z'ingenzi zikurikira: | A member of the Institute has the following responsibilities: | Un membre de l'Ordre a les attributions suivantes : |
| (a) kubahiriza ingingo z'iri tegeko n'andi mategeko agenga Urugaga; | (a) to comply with the provisions of this Law and other laws governing the Institute; | (a) se conformer aux dispositions de la présente loi et à d'autres lois régissant l'Ordre ; |
| (b) kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga imyubakire mu Rwanda; | (b) to comply with building code and regulations applicable in Rwanda; | (b) se conformer au code et aux réglementations en matière de construction applicables au Rwanda ; |
| (c) gutanga ku gihe imisanzu yagenwe n'Inteko Rusange; | (c) to make timely payment of membership fees set by the General Assembly; | (c) s'acquitter, dans les délais, les cotisations fixées par l'Assemblée générale ; |
| (d) kwitabira inama y'Inteko Rusange n'izindi nama z'Urugaga; | (d) to attend the General Assembly meeting and other meetings of the Institute; | (d) participer à la réunion de l'Assemblée générale et à d'autres réunions de l'Ordre ; |
| (e) kugira uruhare muri gahunda zateguwe n'Urugaga; | (e) to participate in the programmes organised by the Institute; | (e) participer aux programmes organisés par l'Ordre ; |

| | | |
|---|---|---|
| (f) kwitabira amahugurwa yateguwe n'Urugaga; | (f) to participate in the training sessions organised by the Institute; | (f) participer aux sessions de formation organisées par l'Ordre ; |
| (g) kubahiriza ibyemezo byafashwe n'Inteko Rusange n'Inama y'Ubuyobozi. | (g) to comply with the decisions of the General Assembly and those of the Governing Council. | (g) se conformer aux décisions de l'Assemblée générale et à celles du Conseil d'administration. |
| **<u>Ingingo ya 44</u>: Gutakaza kuba umunyamuryango w'Urugaga** | **<u>Article 44</u>: Loss of membership in the Institute** | **<u>Article 44</u> : Perte de la qualité de membre de l'Ordre** |
| (1) Umuntu ku giti cye atakaza kuba umunyamuryango iyo – | (1) An individual loses membership if – | (1) Une personne physique perd la qualité de membre lorsque – |
| (a) ahamwe n'ikosa ryo mu rwego rw'imyitwarire rihanishwa igihano cyo gukurwa ku Rutonde rw'abanyamuryango b'Urugaga; | (a) he or she is found guilty of a disciplinary offence punishable with a sanction involving removal from the Roll of Members of the Institute; | (a) elle est reconnue coupable d'une faute disciplinaire passible d'une sanction de radiation du Tableau des membres de l'Ordre ; |
| (b) akatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka mu bijyanye n'umwuga w'ubuhanga hakurikijwe amategeko abigenga; | (b) he or she is sentenced, according to applicable laws, to imprisonment for a term equal to or more than six months in a judgement having become final rendered in connection with the profession; | (b) elle est, conformément aux lois applicables, condamnée à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois dans un jugement définitif lié à la profession ; |
| (c) atagishoboye gukora imirimo ye bihoraho kubera uburwayi cyangwa ubumuga byemejwe na muganga wemewe na Leta; | (c) he or she becomes permanently incapacitated for work due to illness or disability as certified by a recognised medical doctor; | (c) elle devient définitivement incapable de faire son travail en raison d'une maladie ou d'un handicap certifié par un médecin agréé ; |
| (d) asezeye; | (d) he or she resigns; or | (d) elle démissionne ; ou |
| (e) cyangwa apfuye. | (e) he or she dies. | (e) elle décède. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Ikigo cy'ubuhanga gitakaza ubunyamuryango iyo –<br><br>(a) kitacyujuje ibisabwa biteganywa n'iri tegeko;<br><br>(b) cyangwa gihamwe n'ikosa ry'umwuga rihanishwa gukurwa ku Rutonde rw'abanyamuryango b'Urugaga.<br><br>(3) Amategeko ngengamikorere ashobora kugena ibindi bituma umuntu ku giti cye cyangwa ikigo cy'ubuhanga bitakaza kuba umunyamuryango.<br><br>**<u>UMUTWE WA V</u>: UMUTUNGO W'URUGAGA**<br><br>**<u>Ingingo ya 45</u>: Umutungo w'Urugaga n'inkomoko yawo**<br><br>Umutungo w'Urugaga ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. Ukomoka kuri ibi bikurikira:<br><br>(a) imisanzu y'abanyamuryango;<br><br>(b) amafaranga yo kwiyandikisha ku Rutonde rw'abanyamuryango, n'ay'ubusabe bw'uruhushya rwo gukora; | (2) A consulting firm loses membership if –<br><br>(a) it no longer meets the requirements provided for under this Law; or<br><br>(b) it is found guilty of a professional offence punishable with a sanction involving removal from the Roll of Members of the Institute.<br><br>(3) The Rules of Procedure may determine other grounds for loss of membership for an individual or consulting firm.<br><br>**<u>CHAPTER V</u>: PROPERTY OF THE INSTITUTE**<br><br>**<u>Article 45</u>: Property of the Institute and its sources**<br><br>The property of the Institute consists of movable and immovable property. It derives from the following sources:<br><br>(a) membership fees;<br><br>(b) fees for registration on the Roll of Members and fees for licence application; | (2) Un cabinet de conseil perd sa qualité de membre si –<br><br>(a) il ne remplit plus les conditions prévues par la présente loi ; ou<br><br>(b) il est reconnu coupable d'une faute professionnelle passible d'une sanction de radiation du Tableau des membres de l'Ordre.<br><br>(3) Le Règlement intérieur peut déterminer d'autres motifs de perte de la qualité de membre pour une personne physique ou un cabinet de conseil.<br><br>**<u>CHAPITRE V</u> : PATRIMOINE DE L'ORDRE**<br><br>**<u>Article 45</u> : Patrimoine de l'Ordre et ses sources**<br><br>Le patrimoine de l'Ordre se compose de biens meubles et immeubles. Il provient des sources suivantes :<br><br>(a) cotisations des membres ;<br><br>(b) frais d'inscription au Tableau des membres et frais de demande de licence ; |

(c) amafaranga ya serivisi n'imirimo Urugaga rukora;

(d) inyungu ikomoka ku mutungo w'Urugaga;

(e) inkunga yagenerwa na Leta cyangwa iy'abafatanyabikorwa;

(f) impano n'indagano;

(g) undi mutungo wakwemezwa n'Inteko Rusange.

**Ingingo ya 46: Ikoreshwa n'igenzurwa by'umutungo w'Urugaga**

(1) Umutungo w'Urugaga ukoreshwa hagamijwe gushyira mu bikorwa inshingano zarwo.

(2) Amategeko ngengamikorere y'Urugaga ateganya uburyo umutungo w'Urugaga ukoreshwa n'uko ugenzurwa.

**UMUTWE WA VI: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UMWUGA, IBYAHA N'IBIHANO**

(c) proceeds from the services and activities performed by the Institute;

(d) revenues from the property of the Institute;

(e) subsidies as may be granted by the Government or partners;

(f) donations and bequests;

(g) any such other property as may be approved by the General Assembly.

**Article 46: Use and audit of the property of the Institute**

(1) The property of the Institute is used towards the fulfilment of its responsibilities.

(2) The Rules of Procedure of the Institute provide for modalities for the use and audit of the property of the Institute.

**CHAPTER VI: DISCIPLINARY FAULTS AND SANCTIONS, OFFENCES AND PENALTIES**

(c) produit des services et des activités réalisés par l'Ordre ;

(d) revenus du patrimoine de l'Ordre ;

(e) subventions pouvant lui être accordées par l'État ou les partenaires ;

(f) dons et legs ;

(g) tout autre patrimoine pouvant être approuvé par l'Assemblée générale.

**Article 46 : Utilisation et audit du patrimoine de l'Ordre**

(1) Le patrimoine de l'Ordre est utilisé aux fins de l'accomplissement de ses attributions.

(2) Le Règlement intérieur de l'Ordre prévoit les modalités d'utilisation et d'audit du patrimoine de l'Ordre.

**CHAPITRE VI : FAUTES ET SANCTIONS DISCIPLINAIRES, INFRACTIONS ET PEINES**

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya mbere: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'umwuga** | **Section One: Disciplinary faults and sanctions** | **Section première : Fautes et sanctions disciplinaires** |
| **Ingingo ya 47: Amakosa yo mu rwego rw'umwuga** | **Article 47: Disciplinary faults** | **Article 47 : Fautes disciplinaires** |
| (1) Umuntu ukoze ikosa ryo mu rwego rw'umwuga ahanishwa igihano kijyanye na ryo cyo mu rwego rw'umwuga. | (1) A person who commits a disciplinary fault is liable to a corresponding disciplinary sanction. | (1) Une personne qui commet une faute disciplinaire est passible d'une sanction disciplinaire correspondante. |
| (2) Amategeko ngengamyitwarire y'Urugaga ateganya amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'umwuga. | (2) The Code of Ethics of the Institute provides for disciplinary faults and sanctions. | (2) Le Code de déontologie de l'Ordre prévoit les fautes et sanctions disciplinaires. |
| **Icyiciro cya 2: Ibyaha n'ibihano** | **Section 2: Offences and penalties** | **Section 2 : Infractions et peines** |
| **Ingingo ya 48: Gutiza uruhushya cyangwa gukoresha uruhushya rw'urutirano** | **Article 48: Licence lending or use of borrowed licence** | **Article 48 : Prêt de licence ou utilisation d'une licence empruntée** |
| (1) Umuntu – | (1) A person who – | (1) Une personne qui – |
| (a) utiza uruhushya yahawe rwo gukora umwuga w'ubuhanga; | (a) lends his or her licence to practice the profession; or | (a) prête sa licence d'exercice de la profession ; ou |
| (b) cyangwa ukoresha uruhushya rw'urutirano; | (b) uses a borrowed licence; | (b) utilise une licence empruntée ; |
| aba akoze icyaha. | commits an offence. | commet une infraction. |
| Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka 2 ariko | Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 2 | Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au |

| | | |
|---|---|---|
| kitarenze imyaka 3 cyangwa ihazabu itari munsi ya FRW 5.000.000 ariko itarenze FRW 7.000.000. | years and not more than 3 years, or a fine of not less than FRW 5,000,000 and not more than FRW 7,000,000. | moins 2 ans, mais n'excédant pas 3 ans, ou d'une amende d'au moins 5.000.000 FRW, mais n'excédant pas 7.000.000 FRW. |
| (2) Ibyaha bivugwa muri iyi ngingo iyo bikozwe n'ikigo cy'ubuhanga, gihanishwa ihazabu itari munsi ya FRW 13.000.000 ariko itarenze FRW 15.000.000. | (2) When the offences referred to in this Article are committed by a consulting firm, it is liable to a fine of not less than FRW 13,000,000 and not more than FRW 15,000,000. | (2) Lorsque les infractions visées au présent article sont commises par un cabinet de conseil, il est passible d'une amende d'au moins 13.000.000 FRW, mais n'excédant pas 15.000.000 FRW. |
| **<u>Ingingo ya 49</u>: Kubangamira igenzura cyangwa gutanga amakuru atari ukuri cyangwa ayobya** | **<u>Article 49</u>: Obstruction of audit or provision of false or misleading information** | **<u>Article 49</u> : Entrave à un audit ou fourniture d'informations fausses ou trompeuses** |
| (1) Umuntu ubangamira igenzura cyangwa utanga amakuru atari ukuri cyangwa ayobya mu gihe cy'igenzura, | (1) A person who obstructs an audit or provides false or misleading information in the course of the audit, | (1) Une personne qui entrave un audit ou fournit des informations fausses ou trompeuses au cours de l'audit, |
| aba akoze icyaha. | commits an offence. | commet une infraction. |
| Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe ariko kitarenze imyaka 2 cyangwa ihazabu itari munsi ya FRW 3.000.000 ariko itarenze FRW 5.000.000. | Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one year and not more than 2 years, or a fine of not less than FRW 3,000,000 and not more than FRW 5,000,000. | Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un an, mais n'excédant pas 2 ans, ou d'une amende d'au moins 3.000.000 FRW, mais n'excédant pas 5.000.000 FRW. |
| (2) Ibyaha bivugwa muri iyi ngingo iyo bikozwe n'ikigo cy'ubuhanga, gihanishwa ihazabu itari munsi ya FRW 7.000.000 ariko itarenze FRW 10.000.000. | (2) When the offences referred to in this Article are committed by a consulting firm, it is liable to a fine of not less than FRW 7,000,000 and not more than FRW 10,000,000. | (2) Lorsque les infractions visées au présent article sont commises par un cabinet de conseil, il est passible d'une amende d'au moins 7.000.000 FRW, mais n'excédant pas 10.000.000 FRW. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA VII</u>: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER VII</u>: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE VII</u> : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 50</u>: Imikoranire ya Leta n'Urugaga** | **<u>Article 50</u>: Collaboration between the Government and the Institute** | **<u>Article 50</u> : Collaboration entre l'État et l'Ordre** |
| (1) Urugaga rugirana imikoranire na Leta. | (1) The Institute collaborates with the Government. | (1) L'Ordre collabore avec l'État. |
| (2) Iteka rya Minisitiri rigena imikoranire hagati y'Urugaga n'inzego za Leta. | (2) An Order of the Minister determines procedures for collaboration between the Institute and public institutions. | (2) Un Arrêté du Ministre détermine les modalités de collaboration entre l'Ordre et les institutions publiques. |
| **<u>Ingingo ya 51</u>: Kwiyandikisha kw'abakozi ba Leta n'ab'izindi nzego bakora umwuga w'ubuhanga batanditse mu Rugaga** | **<u>Article 51</u>: Registration of public servants and staff from other entities who practice the profession without being registered with the Institute** | **<u>Article 51</u> : Inscription des agents de l'État et ceux d'autres entités exerçant la profession sans être inscrits auprès de l'Ordre** |
| Abakozi ba Leta n'ab'izindi nzego bakora umwuga w'ubuhanga batanditse mu Rugaga bahawe igihe kitarenze amezi atandatu abarwa uhereye ku munsi iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo babe biyandikishije mu Rugaga. | Public servants and staff from other entities who practice the profession without being registered with the Institute are granted a period not exceeding six months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda to register with the Institute. | Les agents de l'État et ceux d'autres entités exerçant la profession sans être inscrits auprès de l'Ordre disposent d'un délai n'excédant pas six mois à compter de la date de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour se faire inscrire auprès de l'Ordre. |
| **<u>Ingingo ya 52</u>: Ingingo y'ururimi** | **<u>Article 52</u>: Language provision** | **<u>Article 52</u> : Disposition linguistique** |
| Iri tegeko ryateguwe mu rurimi | This Law was drafted in English, considered | La présente loi a été initiée en anglais, |

| | | |
|---|---|---|
| rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | and adopted in Ikinyarwanda. | examinée et adoptée en Ikinyarwanda. |
| **<u>Ingingo ya 53</u>: Ingingo izigama ikanavanaho** | **<u>Article 53</u>: Saving and repealing provision** | **<u>Article 53</u> : Disposition de sauvegarde et abrogatoire** |
| Uretse ingingo ya 11 y'Itegeko n° 26/2012 ryo ku wa 29/06/2012 rigenga imirimo y'abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga mu by'ubwubatsi rikanashyiraho ingaga z'abakora iyo myuga mu Rwanda, izindi ngingo z'iryo tegeko zivanyweho. | Except for Article 11 of Law n° 26/2012 of 29/06/2012 governing the professions of architecture and engineering and establishing the Institutes of practitioners or such professions in Rwanda, all other provisions of that Law are repealed. | À l'exception de l'article 11 de la Loi n° 26/2012 du 29/06/2012 régissant les professions d'architecte et d'ingénieur et portant création des Ordres des praticiens de ces professions au Rwanda, toutes les autres dispositions de ladite loi sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 54</u>: Gutangira gukurikizwa** | **<u>Article 54</u>: Entry into force** | **<u>Article 54</u> : Entrée en vigueur** |
| Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 01/09/2025<br><br>(sé)<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| (sé)<br><br>**Dr NSENGIYUMVA Justin**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République :**<br><br>(sé)<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |